
Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

NO .E-28 | TARIKI 26 KANAMA - 1 NZERI 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw




AMAKURU
Perezida yagaragaje ko ubumwe bw'abantu bukwiye kujyanishwa n'iterambere 2


AMAKURU
Kigali: Hamuritswe raporo yihariye ku manza 20 zikomeye za Jenoside yakorewe Abatutsi 5


IMYIDAGADURO
Uko abafungiwe insengero bazitabira Rwanda Shima Imana 22


SIPORO
Shema Ngoga Fabrice yatorewe kuyobora FERWAFA 23


## Madamu Jeannette Kagame yanenze abashyira imbaraga mu gutegura ubukwe kurusha urugo

**KAMALIZA Agnes**

***"Imwe mu mpamvu zituma ingo nyinshi zisenyuka ni uko bamwe bashyira imbaraga mu gutegura ibirori by'ubukwe kurusha gutegura urugo nyirizina. Mukwiye kumenya ko kubaka urugo ari ingenzi aho gushyira ubushobozi bwose mu gutegura ubukwe."***

Madamu Jeannette Kagame yabikomojeho ku Cyumweru tariki ya 31 Kanama 2025, ubwo yari yitabiriye amasengesho y'Abayobozi bakiri bato n'abo bashakanye, agamije kwimakaza indangagaciro zubahisha Imana mu buyobozi no mu miryango.

Aya masengesho ngarukamwaka ategurwa n'Umuryango Rwanda Leaders Fellowship, yahuje imiryango itandukanye y'abashakanye bakiri bato bari mu nzego z'ubuyobozi harimo ubucuruzi, amadini n'amatorero n'indi mirimo itandukanye, aho baza kurebera hamwe uburyo bwiza bwo guhangana no gutsinda ibibazo byugarije umuryango muri iki gihe.

KOMEZA KU RUP.3

# Perezida Kagame i Dakar mu nama yiga ku biribwa muri Afurika



**Perezida Kagame yakiriwe na Perezida wa Senegal, Bassirou Diomaye Faye**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, ku Cyumweru, yageze i Dakar muri Senegal aho yitabiriye Inama y'uyu mwaka yiga ku ruhererekane rw'ibiribwa muri Afurika.***

Iyo nama yatangiye ku wa 31 Kanama ikazageza ku wa 5 Nzeri 2025, yateguwe ku bufatanye na Perezida wa Senegal Bassirou Diomaye Faye, ari na we wahaye ikaze Perezida Kagame.

Iyo nama ni iya mbere muri Afurika ihuza abayobozi b'inzego za Leta n'iz'abikorera, abanyepolitiki, abashakashatsi, abafatanyabikorwa mu iterambere n'urubyiruko rwabaye indashyikirwa mu rugamba rwo kurushaho guteza imbere uruhererekane rw'ibiribwa muri Afurika.

Biteganyijwe ko kuri uyu wa Mbere tariki ya 1 Nzeri, Perezida Kagame yifatanya na Perezida Bassirou Diomaye Faye mu nama ihuza abayobozi b'urubyiruko bakora mu ruhererekane rw'ibiribwa n'ubuhinzi, baturutse mu bice bitandukanye by'Afurika.

KOMEZA KU RUP.3

# Perezida Kagame yakiriye Perezida Daniel Chapo wasuye u Rwanda

NTAWITONDA Jean Claude

***Ku gicamunsi cyo ku wa Gatatu tariki ya 27 Kanama 2025, Perezida wa Repubulika Paul Kagame yakiriye Perezida wa Mozambique Daniel Francisco Chapo wari utangiye uruzinduko rw'akazi rw'iminsi ibiri mu Rwanda.***

Nyuma yo kumwakira, bakomereje mu biganiro byabereye mu muhezo bigaruka ku nzego z'ingenzi z'ubutwererane bw'ibihugu byombi.

Mu masaha yo mu gitondo ni bwo Perezida Chapo yageze ku Kibuga cy'Indege Mpuzamahanga cya Kigali aho yakiriwe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane ushinzwe ubutwererane bw'Akarere Gen. (Rtd.) Kabarebe James.

Biteganyijwe ko nyuma yo guhura na Perezida Kagame, bahura n'amatsinda ahagarariye ibihugu byombi, ashobora gusinywa amasezerano mu nzego nshya z'ubutwererane.

Nyuma y'aho biteganyijwe ko Perezida Chapo aza gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, aho aza kunamira inzirakarengane zishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umukuru w'Igihugu wa Mozambique yaje asanga mu Rwanda itsinda ry'abagize Guverinoma baje gutegura inzira mu biganiro byakozwe mu nzego zitandukanye.

Muri bo harimo itsinda ryayobowe na Minisitiri w'Ingabo Cristóvão Chume, iryayobowe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Maria Manuela dos Santos Lucas, Minisitiri w'Imari Carla Loveira, Minisitiri w'Igenamigambi n'Iterambere Salim Valá, na Minisitiri muri Perezidansi ushinzwe Ibikorwa bya Gisivili, Ricardo Xavier Sengo.

Intumwa za Mozambique ziri mu Rwanda kandi harimo n'abakora muri Perezidansi n'abaturutse mu bigo bitandukanye byaba ibya Leta n'iby'abikorera.



Perezida Paul Kagame yakiriye Perezida Daniel Chapo wa Mozambique wasuye u Rwanda



Perezida Paul Kagame yibukije ko kugira ubumwe utaravuye mu bukene nta cyo byaba bimaze

## Perezida yagaragaje ko ubumwe bw'abantu bukwiye kujyanishwa n'iterambere

ZIGAMA Theoneste

***Perezida Paul Kagame yibukije ko kugira ubumwe utaravuye mu bukene nta cyo byaba bimaze, yabikomojeho ubwo yakiraga mu Biro bye Village Urugwiro itsinda ryaturutse mu nzego z'ubuyobozi z'igihugu cya Qatar.***

Iri tsinda yakiriye ku wa Gatanu tariki ya 29 Kanama, riri mu Rwanda mu rugendoshuri rw'iminsi itanu, rwatangiye ku wa 25 Kanama 2025.

Mu biganiro bagiranye, Perezida Kagame yibukije amateka y'akababaro u Rwanda rwanyuzemo, by'umwihariko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye ubuzima bw'abarenga miliyoni.

Yasangije abo bari kumwe amasomo y'ubushobozi bw'u Rwanda bwo kwihangana, ubumwe ndetse no kwigira byagize uruhare mu gusana Igihugu no kukigarura mu nzira y'iterambere.

Perezida Kagame yavuze ati: "Imyaka 31 ishize, ibyo mubona hano nta byari bihari ahubwo hari imidugararo, harasenyutse gusa. Twari twarageze ku rwego rwo hasi cyane kure.

Twisanze duhanganye n'ibihe aho inzira imwe rukumbi yari ukwizamura ubwacu. Ushobora gukenera umuntu ugufasha, kandi abantu bahora bagufasha. Ariko ujye wibuka ko icy'ingenzi ari wowe ubwawe, ko uba uhari ku bw'inyungu zawe mbere ya byose."

Yongeye gushimangira ko kugira inshingano ku giti cyawe no kugira ubuyobozi bushingiye ku butwari ari ingenzi mu buyobozi.

Yagize ati: "Abandi bashaka kugufasha baraza bakubakiraho. Ariko niba utekereza ko uzahora utegereje abandi ngo bakemure ibibazo byawe, uba warangiye. Nta na rimwe uzabikemura."

Abwira urubyiruko rw'abayobozi ko bagomba kugira ubutwari kandi buri gihe bagafatanya kubahana no kwibwiriza inshingano.

Yongeyeho ati: "Ushobora gukora ikosa, none se byaba ari ikibazo? Buri muntu wese akora amakosa. Ariko iyo usubiye hasi, ntuhagume, uhaguruke ukomeze. Uko ni ko twagerageje kwiyubaka, kandi turacyabikomeje."

Perezida Kagame yagarutse ku kamaro k'ubumwe n'iterambere kuri bose nk'umutima w'icyerekezo cy'u Rwanda.

Yagize ati: "Ikintu cya mbere mu cyerekezo cyari ugusubiza igihugu hamwe. Icyerekezo cy'igihugu cyunze ubumwe. Ntacyo bitwaye inkomoko cyangwa amateka abantu bafite."

Umukuru w'Igihugu yongeyeho ko ubumwe butajyanye n'iterambere nta cyo bumaze.

Ati: "Niba mwaravuye mu macakubiri, ariko mukaba mutaravuye mu bukene, byaba byaramaze iki? Dushaka ko igihugu cyacu, abaturage bacu, bakura mu mitekerereze kandi bagateza imbere igihugu cyabo."

Ku wa 25 Kanama, ubwo bageraga mu gihugu, itsinda rya Qatar ryakiriwe n'Ubuyobozi bw'Ikigo gishinzwe Ubutwererane cy'u Rwanda (RCA).

Izo ntumwa za Qatar zirimo gusangira ubunararibonye n'inzego zitandukanye za Leta, zirimo Urwego rw'Imiyoborere (RGB), Urwego rw'Umuvunyi, Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR), ndetse na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano mboneragihugu (NUBUMWE).

Iryo tsinda ryasuye kandi Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, bashyira indabo ku mva zishyinguyemo abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 barabunamira, ndetse barushaho gusobanukirwa amateka y'akababaro u Rwanda rwanyuzemo n'urugendo rwo kwiyubaka.

Iryo tsinda ryasuye kandi Urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali, bashyira indabo ku rwibutso mu guha icyubahiro abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ndetse no kurushaho gusobanukirwa amateka mabi igihugu cyanyuzemo n'urugendo rwo kongera kwiyubaka.





# Perezida Kagame i Dakar mu nama yiga ku biribwa muri Afurika

IBIKURIKIRA URUP.1

Iyo nama ni imwe mu zishimangira intego nyamukuru yo guhindura uruhererekane rw'ibiribwa ku Mugabane, kuko urubyiruko ari rwo ruri ku ruhembe rw'imbere mu rugamba rwo guhaza Abanyafurika bagasagurira n'indi migabane.

Inama y'uyu mwaka iribanda ku nsanganyamatsimo igira iti, "Urubyiruko rw'Afurika ruyoboye Ubufatanye, Guhanga ibishya no gushyira mu bikorwa iterambere ry'Uruhererekane rw'Ubuhinzi n'Ibiribwa."

Ni inama ibonwa nk'amahirwe yo kuganira n'impuguke mu buhinzi ku Isi ndetse n'abayobozi b'Afurika ku ngamba nshya zigamije guteza imbere ubuhinzi n'umutekano w'ibiribwa bitagira n'umwe biheza.

Iyi nama yahoze yitwa AGRF yatangiye ibera mu Rwanda ikaba yarashyiriweho kongerera ikibatsi ubushake bwa Politiki no kwihutisha politiki, gahunda n'ishoramari rikenewe kugira ngo hagerwe ku ruhererekane rw'ibiribwa ruteye imbere mu buryo burambye.



Perezida Paul Kagame yageze i Dakar muri Senegal mu nama yiga ku ruhererekane rwibiribwa muri Afurika

# Madamu Jeannette Kagame yanenze abashyira imbaraga mu gutegura ubukwe kurusha urugo



Madamu Jeannette Kagame ashishikariza abato gutekereza ku rugo kuruta ku myiteguro y'ubukwe

IBIKURIKIRA URUP.1

Madamu Jeannette Kagame yagaragaje ko imwe mu ntandaro y'isenyuka ry'ingo ari uko abarushinga bashora imari mu birori by'ubukwe aho kwibaza impamvu nyamukuru itumye babana, asaba abakiri bato kuzana impinduka zifashe guhindura iyo myumvire.

Ati: "Ndagira ngo nisabire abakiri bato; nkuko muzana izindi mpinduka zidufasha mu iterambere muzadufashe guhindura iyo mitekerereze nk'abantu bakiri bato basobanutse kandi biyemeje kubaka u Rwanda."

Yongeyeho ati: "Abarushinga bagomba kwibaza bati ese tugiye kubana kubera urukundo cyangwa ni igitutu cy'urungano? Ni icy'imiryango, ese tugiye kubana kubera ko mugenzi wanjye atwite? Ni impamvu y'ubushobozi mutezeho? Hano dukwiye gushishoza byimazeyo ku mpamvu nyakuri zo kubaka urugo."

Madamu Jeannette Kagame yagaragaje ko urugo ari rwo Rwanda ruto, rukaba ijuru rito kandi ko n'umwana w'Imana yavukiye mu muryango.

Yibukije abakiri bato ko igihugu cyabagiriye icyizere bakaba bafite umukoro wo kubaka umurage bazasigira abazabakomokaho kandi izo nshingano ntahandi bazazigira atari mu ngo.

Yavuze ko Imana yatanze Igihugu, indangagaciro n'ubwenge kugira ngo bikoreshwe mu kubaka ijuru rito.

Madamu Jeannette Kagame yagiriye inama abakiri bato kurangwa n'urukundo nyakuri no kwihangana kuko ari ryo shingiro rya byose, bityo rukwiye kuba umurage uhererekanywa uko ibisekuru bizagenda bisimburana.

Ati: "Urukundo rurangwa n'ubwitange kwihangana no kubahana, ni rwo rutera umudendezo usesuye mu rugo. Uwo munezero ni cyo kibatsi nyakuri n'igicaniro cy'urukundo musangiza abana bacu na bo bakazabihererekanya uko ibisekuru bisimburana."

Yavuze ko imbaraga zikwiye gushyirwa mu gutegura abifuza gushinga urugo kandi ababyeyi n'imiryango na bo bagomba kugira uruhare mu gushyigikira no kuba hafi y'abana babo hato batazisanga barateshutse ku nshingano zo kurerera Igihugu.

Yagaragaje ko kuba u Rwanda rutoshye kandi rutekanye biterwa n'uko umuryango ubyara kandi ukarera bityo ugomba gusigasirwa.

Ati: "Burya ubusitani butoshye tubona buturuka ku isoko y'amazi ibwuhira n'aho bwuhiririrwa. Ababona u Rwanda rwacu rutoshye, rutekanye kandi ruteye imbere, ukabona n'Abanyarwanda basobanutse ni ukubera ko umuryango ubyara ukarera."

Yagaragarije abakiri bato ko abakurambere babo baharuriye inzira ku buryo hari za karanda baciye, kandi ko ibyo bagezeho atari ibitangaza by'Imana gusa ahubwo na bo babiharaniye abibutsa ko intsinzi yabo ari yo izacana urumuri rw'impinduka mu gihugu ndetse bubaka ingo zihamye.

Ati: "Hari abagitekereza ko ibyo twagezeho mu gihugu cyacu tubikesha ibitangaza by'Imana ariko Imana nayo ifasha uwifashije muragijwe inshingano zo gusigasira ibyo bakuru banyu badutabaye barwaniye mukomeze intego yo kuba intangarugero mu ngo zanyu mutibagiwe n'inshingano z'akazi."

Madamu Jeannette Kagame kandi yavuze ko u Rwanda rwashyize imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bitewe n'uko ibihe bigenda bihinduka.

# Perezida Chapo yasabye gushyiraho icyerekezo cy'indege gihuza Mozambique n'u Rwanda




**Perezida wa Mozambique, Daniel Chapo, wasuye u Rwanda yasabye ko hashyirwaho urugendo rw'indege rutaziguye ruhuza Mozambique nu Rwanda**

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida wa Mozambique, Daniel Chapo, uri mu ruzinduko rw'iminsi ibiri mu Rwanda, yasabye ko hashyirwaho urugendo rw'indege rutaziguye ruhuza Mozambique n'u Rwanda kugira ngo byoroherezo ingendo, ndetse binateze imbere ubucuruzi n'ishoramari hagati y'ibihugu byombi.***

Yabikomoje ku wa 28 Kanama 2025, mu nama nyunguranabitekerezo y'abayobozi bakuru b'inzego z'ubucuruzi yabereye muri Kigali Convention Centre, aho yari aherekejwe n'itsinda ry'abaminisitiri.

Iyo nama nyunguranabitekerezo y'abahanga mu ishoramari n'ubucuruzi yahuje abayobozi bakuru b'Urwego rw'Abikorera mu Rwanda kugira ngo baganire ku buryo bwo kugirana ibiganiro bitaziguye na Perezida Chapo n'itsinda rye, ikaba yarabaye urubuga rwo kuganira ku nzira nshya z'iterambere ry'ubucuruzi n'ishoramari hagati y'ibihugu byombi.

Perezida Chapo yavuze ko Afurika igihura n'imbogamizi mu bijyanye no guhuza ingendo z'indege, ku buryo akenshi abagenzi baba bagomba kunyura i Burayi.

Yagize ati: "Ndashaka kubyaza umusaruro aya mahirwe, ni ngombwa gushyiraho ihuriro ry'indege rihuza ibihugu byacu byombi, kuko ari ingenzi cyane."

Yavuze ko iyo nama ari ikimenyetso cyo gusigasira ubufatanye bukomeye hagati ya Mozambique n'u Rwanda, yibanda ku ntego zihuriweho zo guteza imbere ubukungu n'iterambere rirambye.

Ati: "Turi ibihugu bibiri byiyemeje guteza imbere ubukungu bwabyo, guha abaturage imbaraga cyane cyane urubyiruko n'abagore, no gushimangira uruhare rwacu ku mugabane wa Afurika."

Perezida wa Mozambique yagaragaje inzego z'ingenzi z'ubufatanye hagati y'abashoramari b'Abanya-Mozambique n'Abanyarwanda, zirimo ubuhinzi n'inganda ziwutunganya, ingufu n'umutungo kamere, ubwikorezi n'itumanaho, inganda n'inyongeragaciro, ndetse n'ubukerarugendo hamwe n'ubukungu bushingiye ku nyanja.

Yongeyeho ati: "Dushobora kubaka ubufatanye bwuzuzanya. U Rwanda nk'igicumbi cy'udushya n'imitangire ya serivisi, naho Mozambique ikaba igicumbi cy'ingufu n'umutungo kamere."

Perezida Chapo kandi yibukije uruhare rwa za Guverinoma mu gufasha urwego rw'abikorera, asaba abashoramari bo mu bihugu byombi gufatanya, guhanga imirimo no kubaka inganda z'Afurika.

Ati: "Ku bagore bakora ubucuruzi, turababwira gufata Mozambique nk'umufatanyabikorwa w'ingenzi muri Afurika. Tuzubaka imishinga duhuriyeho, dusuzume ahashobora kongerwamo inganda, dusangire ubunararibonye mu micungire y'imijyi, kandi twagure ubufatanye mu nzego zirimo ubuhinzi, ingufu, ubwikorezi, serivisi n'ikorabuhanga."

Yunzemo ati: "Inyungu yacu ni ugushyiraho ubufatanye buri wese yungukiramo, aho urubyiruko rubona imirimo, ubukungu bwacu bugahinduka bwagutse, kandi ibihugu byacu bikaba bikomeye muri Afurika ndetse no ku isi.

Jean Guy Afrika, Umuyobozi Mukuru wa RDB, yavuze ko isinywa rishya ry'amasezerano y'ubufatanye (MoU) n'Ikigo cy'ishoramari cya Mozambique ryabaye ku wa 27 Kanama, ryari rimwe mu by'ingenzi byaranze ayo masezerano, akubiyemo ubufatanye mu by'imari, umutekano, ubutabera, ubuhinzi, uburezi n'ibidukikije.

Yongeyeho ati: "Aya masezerano ashyira urwego rw'abikorera ku isonga binyuze mu ishyirwaho ry'itsinda ryihariye rishinzwe kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'ibyo twiyemeje."

Afrika kandi yashimangiye amahirwe yo gukorana mu nzego z'ubuhinzi, ubwikorezi, inyubako n'ingufu, agaragaza amahirwe yo gutangiza imishinga mpuzabihugu no kwigiranaho mu mitegurire y'ubucuruzi bw'ibihugu byombi.

Ati: "Mu gusangira ubunararibonye mu kubaka inganda zihangana, mu kwagura uruhererekane nyongeragaciro ku rwego rw'akarere, no mu gukurura ishoramari, amasosiyete yacu ashobora kwaguka vuba kandi mu buryo bunoze ku masoko yo muri Afurika no ku rwego rw'Isi."

Afurika yavuze ko RDB, ikorana bya hafi n'Ikigo cya Mozambique gishinzwe guteza imbere ishoramari n'ubucuruzi mpuzamahanga, ikomeje kwiyemeza gufasha ubucuruzi gutera imbere, gushyigikira politiki zinoza ubucuruzi no gushyiraho uburyo bwiza bwo gufasha urwego rw'abikorera mu bufatanye.

# Amb Gasamagera yagaragaje ko Umuryango FPR-Inkotanyi na NRM basangiye byinshi

**KAYITARE Jean Paul**

***Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango FPR- Inkotanyi Amb. Wellars Gasamagera, yagaragaje ko hari byinshi ishyaka NRM (National Resistance Movement) riri ku butegetsi muri Uganda hari byinshi risangiye n'Uyu Muryango.***

Yabigarutseho ubwo yitabiraga inama Nkuru y'iminsi ibiri y'iryo shyaka riri ku butegetsi muri Uganda, yasojwe ku wa 28 Kanama 2025 ku Cyicari gikuru cy'iryo shyaka i Kololo mu mujyi wa Kampala.

Mu ijambo yagejeje ku bitabiriye iyo nama, Amb. Gasamager ayavuze ko imitwe yombi ya politiki hari byinshi ihuriyeho.

Yagize ati: "Impande zombi zisangiye byinshi, birimo imitekerereze yo guharanira agaciro ka Afurika ndetse no kwishyira hamwe kw'ibihugu mu Karere."

Yashimangiye kandi ko Umuryango FPR Inkotanyi ushyigikiye byimazeyo iterambere ry'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EAC) nk'urubuga rwo kwishyira hamwe kw'ibihugu, guteza imbere ubukungu, umutekano n'ubusabane hagati y'abaturage.

Amb. Gasamagera yashimangiye kandi ubushake bwo gukomeza umubano mwiza n'ubushuti hagati y'Umuryango FPR- Inkotanyi n'Ishyaka NRM riri ku butegetsi muri Uganda.



**UMUNYA**





# U Rwanda na UNHCR bemeranyije gushakira impunzi ibisubizo birambye

**KAYITARE Jean Paul**

***Guverinoma y'u Rwanda n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku mpunzi (UNHCR) bemeranyije kongera umuhati mu kurinda no gushakira impunzi ibisubizo birambye by'umwihariko gushyiraho gahunda zikomeza guhuza impunzi n'abaturage.***

Byagarutsweho ku wa 27 Kanama 2025 mu biganiro byahuje Minisitiri ushinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi, Maj. Gen (Rtd) Albert Murasira, Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Abinjira n'Abasohoka, ACP Lynder Nkuranga n'Umuyobozi w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi, Filippo Grandi, uri mu ruzinduko rw'akazi mu Rwanda.

Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi, MINEMA, yatangaje ko ibiganiro by'impande zombi byagaragaje ubufatanye bukomeye bw'u Rwanda na UNHCR.

Yagize iti: "Ni ibiganiro byongera gushimangira umuhate mu kurinda impunzi no kuzishakira ibisubizo birambye, by'umwihariko ibijyanye no guhangana n'ibibazo, guhuza impunzi n'abaturage ndetse no kurinda uburenganzira bwazo."

Uruzinduko rwa Filippo Grandi, Umuyobozi w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi, rugamije



**Guverinoma y'u Rwanda na UNHCR) mu gushakira ikibazo cy'impunzi ibisubizo birambye**

gukomeza gutsura umubano hagati ya Guverinoma n'abafatanyabikorwa mu bijyanye no kurengera impunzi.

Kuva Leta y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bagirana amasezerano y'amahoro tariki ya 27 Kamena 2025, babifashijwemo na Leta Zunze Ubumwe za Amerika, kimwe mu byashyizwemo imbaraga ni ugutegura uburyo bwo gucyura impunzi z'Abanye-Congo n'iz'Abanyarwanda.

Muri Nyakanga, intumwa z'ibi bihugu na UNHCR zahuriye i Addis Abeba muri Ethiopia, zifata imyanzuro itandukanye irimo gufasha impunzi gutaha ku bushake, kuzisubiza mu buzima busanzwe no kuzifasha kwiyubaka.

Hashingiwe kuri iyo myanzuro, ku wa Mbere tariki 25 Kanama, HCR yacyuye impunzi z'Abanyarwanda 533 zari zaragizwe imbohe n'umutwe w'iterabwoba wa FDLR, izishyikiriza Guverinoma y'u Rwanda.

Uruzinduko rwa Filippo Grandi mu Karere k'Ibiyaga Bigari, rwitezeho umusaruro wisumbuyeho mu gukemura ibibazo by'impunzi, cyane cyane ibizibuza gutaha.

# Kigali: Hamuritswe raporo yihariye ku manza 20 zikomeye za Jenoside yakorewe Abatutsi

**ZIGAMA Theoneste**

***Urukiko rw'Ikirenga rwamuritse raporo ku manza 20 zikomeye z'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ikaba yitezweho gufasha abashaka kumenya amategeko n'amashuri ayigisha kumenya gutanga ubutabera bwuzuye.***

Iyo raporo yamuritswe ku wa Gatanu tariki ya 29 Kanama 2025, ishingiye ku cyegeranyo ku manza zafashe umwanzuro wa nyuma n'Inkiko nkuru, iz'ubujurire n'Urukiko rw'Ikirenga mu Rwanda.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Mukantaganzwa Domitilla, yavuze ko icyo cyegeranyo cyitezweho gufasha inzego z'ubutabera, yaba izo mu Rwanda no hanze mu guca imanza zifitanye isano na zo.

Yagize ati: "Ubundi urwego rw'ubucamanza rusanzwe rukora ibyegeranyo ariko iki ni icyegeranyo ku manza zihariye za Jenoside, zaciwe n'Urukiko rw'Ubujurire n'Urukiko rw'Ikirenga zabaye ntakuka ndetse zidashobora kongera kuburanishwa."

Yunzemo ati: "Buriya iyo urubanza rwafashwemo umwanzura wa nyuma, ibyo byemezo biba ari itegeko, ayo mategeko rero Abanyarwanda baba bakeneye kuyamenya, abacamanza bakazajya bayakurikiza mu zindi manza za Jenoside, abashakashatsi bakayifashisha, abanyeshuri bakayiga."

Muri izo manza zakozweho icyegerenyo harimo imanza z'Abanyarwanda bahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, boherejwe n'ibihugu by'amahanga birimo Canada, u Bufaransa, u Budage n'ibindi ndetse hakabamo n'iz'aboherejwe n'urukiko rwari rwarashyiriweho u Rwanda rwakoreraga i Arusha muri Tanzania (ICTR).

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Mukantaganzwa yagize ati: "Ni imanza zo ku rwego rwo hejuru, kuko mu kuzica hagiye hitabwa ku mahame yashyizweho n'Inkiko mpuzamahanga zirimo urwashyiriweho u Rwanda (ICTR) n'urwashyiriweho Yugusolavia. (ICTY).

Murumva ko ari imanza zizafasha inkiko z'u Rwanda n'inkiko z'ibihugu bitazashaka kutwohereza abakoze ibya bya Jenoside ngo tubaburanyishe, bagahitamo kubaburanishiriza iwabo."

Mu manza zikomeye z'abahamijwe ibyaha bya Jenoside ziri muri icyo cyegeranyo harimo 10 z'aboherejwe n'ibihugu by'amahanga baburanishirizwa mu Rwanda, abandi baburanishijwe n'Inkiko z'ibihugu bahungiyemo.

Izo manza kandi izarangirijwe mu Rwanda harimo 7 zarangijwe n'Inkiko nkuru z'u Rwanda, 10 zirangirizwa mu rukiko rw'ubujurire, mu gihe 3 zarangijwe n'Urukiko rw'Ikirenga.

Mukantaganzwa yavuze ko icyo cyegerenyo kitarajyaho hari imbogamizi ku guca imanza zitanga umurongo uhamye.

Yagize ati: "Abacamanza ntabwo bari bafite icyegeranyo cy'imanza zitanga umurongo mu guca imanza za Jenoside, ubu icyo cyegeranyo kiri mu Kinyarwanda no mu Cyongereza ari abato bafite aho barebera n'abakuru barahafite."

Uwo muyobozi yavuze ko icyo cyegeranyo kigaragaza ukwiyemeza kw'u Rwanda nk'igihugu kigendera ku mategeko ndetse no guhangana n'ibyaha bikomeye nka Jenoside.

Umuyobozi Mukuru w'ishuri ryigisha amategeko ILPD, Aime Muyoboke Karimunda yavuze ko iki cyegeranyo gifite akamaro gakomeye biga amategeko n'abacamanza muri rusange.

Ati: "Gifite akamaro, kuko ikintu cyose gikozwe ku bijyanye na Jenoside kiza ari gishya. Amategeko ahana Jenoside yagiyeho mu 1996, ndetse icyo gihe tubanza gukomatanya amategeko y'u Rwanda n'amategeko mpuzamahanga kugira ngo tubashe guhana icyaha cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Yavuze ko kugeza ubu ibihugu bikeneye gusuzuma amasezerano mpuzamahanga birebera ku Rwanda, kuko usanga byo bitagira ayo masezerano.

Ati: "Uyu ni umurage turimo guha n'abari imbere hazaza, yaba mu Rwanda no mu mahanga, twubaka ubumenyi ngiro mu bijyanye no guhangana no gukurikirana ibyaha bya Jenoside."

Icyo cyegeranyo cyamuritswe cyateguwe hagati y'amezi 6 n'amezi 10, kikaba cyarateguwe n'abahanga mu mategeko bari mu runana rw'ubutabera, barimo abacamanza mu nkiko z'u Rwanda n'abari mu mashuri makuru na kaminuza byigisha amategeko.

# Umuyobozi wa UNHCR yasuye impunzi z'Abanyekongo zicumbikiwe muri Nkamira



Umuyobozi Mukuru w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR), Filippo Grandi yasuye inkambi y'impunzi ya Nkamira

**KAMALIZA Agnes**

***Mu gitondo cyo ku wa Gatanu tariki ya 29 Kanama 2025, Umuyobozi Mukuru w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Mpunzi (UNHCR), Filippo Grandi, yasuye Inkambi y'Agateganyo ya Nkamira mu Karere ka Rubavu icumbikiye impunzi z'Abanyekongo 3 196.***

Filippo Grandi wari mu ruzinduko rw'akazi mu Rwanda, yagiranye ibiganiro na Perezida wa Repubulika Paul Kagame, aho yiyemeje umusanzu wa UNHCR mu rugendo rwo gukemura ibibazo birebana n'impunzi hagati y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Mu kiganiro n'itangazamakuru Filippo Grandi yagaragaje ko asuye Akarere nyuma y'amasezerano y'amahoro y'i Washington DC n'ibiganiro by'i Doha muri Qatar kandi yizeye ko ayo masezerano niyubahirizwa ibibazo by'impunzi byazabonerwa umuti.

Yashimiye Ubuyobozi bw'u Rwanda ku bwa gahunda nziza yo gufasha no kwakira impunzi, zikaba ziga, zibona serivisi z'ubuvuzi ndetse zikaba zemerewe kujya mu kazi nk'abandi bose.

Yagize ati: " Ndashimira Guverinoma y'u Rwanda kubwa gahunda nziza yashyizeho yo gufasha no kwakira impunzi. Ziriga, zishyirwa mu myanya y'akazi, zibona uko zivuza, ibi ni igisubizo cya politiki nziza y'u Rwanda."

Kugeza ubu u Rwanda rucumbikiye impunzi z'Abakongomani n'Abarundi zirenga ibihumbi 140.

Filippo yongeyeho ko nubwo bigoye gukomeza kuzicumbikira ariko mu biganiro bagiranye n'inzego zitandukanye basanze hakwiye gukorwa ubukangurambaga mu miryango mpuzamahanga hakaboneka ubufasha kugira ngozikomeze kubaho kandi zitibagiranye.

Yongeyeho ati:" Ntitwibagiwe ko izi mpunzi ziri hano, turabizi ko nibica mu nzira nyazo ibi bibazo bizakemurwa."

Nyuma yo guhura na Perezida Kagame bakagirana ibiganiro yashimangiye ko byari byiza cyane, byibanze kuri Politiki z'u Rwanda zirebana n'impunzi zitagize uwo ziheza kandi zibategurira ahazaza, Filippo Grandi yashimangiye ko banagarutse ku masezerano y'amahoro ya Washington.

Ayo masezerano agamije gukemura ibibazo by'umutekano muke mu Karere k'Ibiyaga Bigari byateje ubuhunzi bumaze imyaka ikababakaba 30, aho u Rwanda rucumbikiye Abanyekongo basaga 130 000.

Izo mpunzi zageze mu Rwanda mu bihe bitandukanye zihunga ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika ya Demokarasi ya Congo.

Ku rundi ruhande, nubwo u Rwanda rwafunguriye amarembo magari Abanyarwanda bari mu buhungiro ndetse na sitati y'ubuhunzi igakurwaho, hari bamwe mu baturage bafashwe bugwate n'umutwe wa FDLR umaze imyaka 25 uteza umutekano muke mu Karere.

Muri iki cyumweru hari abasaga 500 muri bo u Rwanda rwakiriye, mu gihe UNHCR ivuga ko bari mu basaga 2 500 bayishyikirije muri Congo bakaba bose bafite ubushake bwo gutahuka mu Rwanda.

Gukemura ibibazo bijyanye n'impunzi zo muri RDC mu Rwanda ni amwe mu mahirwe yaremwe n'amasezerano ya Washington (yasinywe ku wa 27 Kamena hagati y'u Rwanda na RDC). UNHCR yiteguye gutanga umusanzu wayo mu korohereza impunzi gutahuka.




Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo

# U Rwanda rwakiriye abimukira 7 bavuye muri USA

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko yamaze kwakira abimukira 7 baturutse muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA), baje mu rwego rw'amasezerano y'imikoranire hagati y'ibihugu byombi yasinywe muri uyu mwaka wa 2025.***

Umuvugizi wa Guverinoma y'u Rwanda, Yolande Makolo yabihamije ku wa Kane tariki ya 28 Kanama 2025, agira ati: "Itsinda rya mbere ry'abantu barindwi ry'abimukira, bageze mu Rwanda mu kwezi kwa Kanama hagati."

Makolo yavuze ko muri abo bimukira batatu bifuza gusubira mu bihugu byabo by'amavuko, mu gihe bane basigaye bashaka gukomereza ubuzima bwabo mu Rwanda, bakora ibikorwa bibateza imbere. Icyakora ibihugu bakomokamo ntibyatangajwe.

Yongeyeho ati: "Hatitawe ku byo bakeneye byihariye, buri wese muri abo azahabwa ubufasha bukwiriye n'inkunga ya Guverinoma y'u Rwanda yo gucungirwa umutekano".

Yavuze ko abo bimukira bashyirwa mu bigo by'ubutabazi mpuzamahanga kandi bagasurwa n'Umuryango Mpuzamahanga ushinzwe Abimukira (IOM) hamwe n'ibigo bitanga ubufasha mu mibereho y'abaturage mu Rwanda.

Ku busabe bwa Washington, u Rwanda rwemeye kwakira abimukira bagera kuri 250 baturutse muri Amerika.

Muri ayo masezerano, u Rwanda rwemeye gufasha buri muntu wese uzashyirwa muri iyo gahunda kandi abemejwe bazahabwa amasomo y'imyuga ibateza imbere, ubuvuzi, n'ubufasha bwo kubona aho kuba.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

## *Kurerera u Rwanda ni icyubahiro gikomeye*

*Iyo umuntu ahawe inshingano zo gukora umurimo mu rwego rukomeye, arushaho kwigengesera ndetse akanakora ibishoboka byose ngo yuzuze izo nshingano hatabayemo ibibazo bishobora kugira ingaruka ku hazaza.*

*Ariko se ni bande batekereza ku nshingano yo kubyara no kurera umuntu uzasigara mu cyimbo cy'abariho ubu, uzatwara izina rya ba sekuru akayobora ahazaza? Mbega ukuntu ari ngombwa ko mbere yo kwinjira mu mushinga wo kubyara hakwiye kubaho imyiteguro, gushishoza n'igenamigambi rizafasha umuziranenge uje ku Isi kuzavamo ingirakamaro Isi ikwiye kwitegaho amakiriro!*

*Hari bamwe mu babyeyi byakunze kugaragara ko batungurwa no kubyara, cyangwa se banabitegura bakaba babikora gusa kugira ngo bemerwe muri sosiyete, bigatuma banakora ibishoboka ngo abana babo bagire imibereho isirimutse nko kwiga mu mashuri meza, kubaho imibereho y'igitangaza ijyanye n'ibigezweho.*

*Ariko usanga abenshi mu baharanira ko abana babo babaho neza, bibagora no guharanira ko abo bakurana imico izira amakemwa, cyangwa se bakagira uburere buzabafasha kuba ingirakamaro no kuyobora Isi y'ahazaza mu cyerekezo kizima.*

*Kubyara no kurera ni inshingano ikomeye bikaba n'icyubahiro gikomeye umuntu wese wabyawe n'umuntu agira umugisha wo kubona, abona umucunguzi, ahazaza ha ba sekuruza.*

*Ni yo mpamvu bisaba gukora neza inshingano zo kuyobora icyerekezo cy'umwana kugira ngo azabe ingirakamaro ndetse na we azagere igihe cyo gutanga ubuzima afite n'impamba yo gusigira abazamukomokaho.*

*Nubwo kubyara no kurera biha ababyeyi amahirwe yihariye yo kubona urukundo ruzira imbereka, n'ayo gutegura ahazaza h'amasekuru azakurikira, ibyo ntibikuraho gukora n'izindi nshingano zijyanye no gufasha imiryango kurushaho gutera imbere.*

*Nk'uko Madamu Jeannette Kagame yabigarutseho mu isengesho asabira imiryango y'Abanyarwanda, buri rugo rukeneye kuzura urukundo rwihangana, ubumwe buramba, ubwenge burushaho gukura no mu bihe by'ibigeragezo, kugira ngo abana baruvukamo barusheho gukurira mu ndangagaciro nzima bigira ku babyeyi babo.*

# RAB irashishikariza abahinzi ba Kirehe na Kayonza guhinga imyaka yera vuba

**KAYITARE Jean Paul**

***Ikigo gishinzwe iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB) kirashishikariza abahinzi bo mu Turere twa Kirehe na Kayonza mu Ntara y'Iburasirazuba gutangira gutekereza uko bahinga imyaka yera vuba.***

Dr Solange Uwituze, Umuyobozi Mukuru wungirije ushinzwe guteza imbere ubworozi muri RAB, asobanura ko bashingiye ku makuru y'iteganyagihe, hari uduce tuzatinda kugwamo imvura bityo ko abahinzi bo muri utwo duce bahinga ibijumba kuko byera vuba.

Yagize ati: "Aho tubona imvura izatangira itinze nko mu bice bya Kirehe ndetse na Kayonza, turabagira inama yo kudahita bashyiramo ibigori ahubwo batangire batekereze uburyo bahinga indi myaka yera vuba nk'ibijumba."

Avuga ko aho baba baramaze gutera ibigori, bakoresha imborera nyinshi. Akomeza agira ati: "Muri rusange uko iki gihe cy'umuhindo twakibonye, birasaba ko tuzakoresha imborera nyinshi kurusha uko twari dusanzwe tubibakangurira.

Bahinge, bafate inyongeramusaruro, kandi bakoreshe imborera nyinshi kugira ngo tubashe kwihuta mu ihinga."

RAB itangaza ko gutera imyaka byatangira mu kwezi kwa Nzeri ku itari 08, ihinga rikagera nibura mu gice kinini cy'igihugu ku itariki 22 Nzeri 2025.

Ati: "Ubutumwa dufitiye abahinzi, ni ukuvuga ngo reka tubanze tubone intabire ku misozi yose, tubone intabire bitarenze nibura hagati tariki 08-10 Nzeri.

Abahinzi bakomeze gufata inyongeramusaruro kubera y'uko imibare dufite kugeza ku wa Kane tariki 28, igaragaza ko nibura ¾ by'abahinzi bari bamaze kwiyandikisha muri Smart Nkunganire."

Ikigo gishinzwe iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB) gitangaje ibi mu gihe Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere, Meteo Rwanda, cyavuze ko imvura y'umuhindo izatangira kugwa hagati y'itariki 08 na 15 Nzeri 2025 mu Ntara y'Iburengerazuba, mu Turere twa Musanze, Burera na Nyamagabe, ibice by'amajyaruguru by'Uturere twa Rulindo na Gicumbi, mu burengerazuba bw'Uturere twa Nyaruguru, Nyanza na Ruhango, mu Turere twa Muhanga na Gakenke uretse uburasirazuba bwatwo ndetse no mu bice by'uburengerazuba n'amajyaruguru by'Akarere ka Nyagatare.

Aimable Gahigi, Umuyobozi Mukuru wa Meteo Rwanda, agira ati: "Hagati ya 15 na 22 Nzeri 2025 imvura izagwa mu Turere twa Gatsibo na Huye, uburasirazuba bw'Uturere twa Muhanga na Gakenke, ibice byo hagati by'Uturere twa Nyaruguru, Nyanza na Ruhango, ahasigaye mu Turere twa Nyagatare, Gicumbi na Rulindo ndetse no mu majyaruguru y'Akarere ka Kayonza no mu Karere ka Kamonyi uretse igice cy'uburasirazuba."

Kuva tariki 22 kugeza 29 Nzeri 2025 imvura izagwa mu Mujyi wa Kigali, mu Turere twa Gisagara, Bugesera na Rwamagana, uburasirazuba bw'Uturere twa Nyaruguru, Nyanza, Ruhango na Kamonyi, mu bice byo hagati by'Akarere ka Kayonza no mu Karere ka Ngoma uretse igice cy'iburasirazuba.

Mu gihe kuva ku wa 29 Nzeri kugeza ku wa 06 Ukwakira 2025 imvura izagwa mu Karere ka Kirehe, mu burasirazuba bw'Akarere ka Ngoma ndetse n'amajyepfo y'Akarere ka Kayonza.

Meteo Rwanda igaragaza ko imvura iteganyijwe gucika mu kwezi ku Ukuboza hagati y'itariki 15 na 22 mu Mujyi wa Kigali, mu Ntara y'Iburasirazuba n'iy'Amajyaruguru uretse mu burengerazuba bw'Akarere ka Musanze, mu Ntara y'Amajyepfo uretse mu Karere ka Nyamagabe no mu burengerazuba bw'Akarere ka Nyaruguru, mu burasirazuba bw'Uturere twa Ngororero na Karongi.

Mu gihe hagati ya 22 na 29 Ukuboza 2025 imvura izacika mu Karere ka Nyamagabe, mu Ntara y'Iburengerazuba uretse mu burasirazuba bw'Uturere twa Ngororero na Karongi ndetse no mu burengerazuba bw'Uturere twa Musanze na Nyaruguru.



Dr Solange Uwituze, Umuyobozi Mukuru wungirije ushinzwe guteza imbere ubworozi muri RAB

# U Rwanda na Mozambique byavuguruye amasezerano y'umutekano n'ubucuruzi



Hasinywe amasezerano mu nzego zitandukanye

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinoma y'u Rwanda n'iya Mozambique, ku wa Gatatu tariki ya 27 Kanama 2025, zavuguruye amasezerano y'ubutwererane mu nzego z'amahoro n'umutekano ndetse n'ubucuruzi n'ishoramari.***

Ni amasezerano yashyizweho umukono n'abahagarariye inzego z'u Rwanda n'iza Mozambique mu muhango wakurikiwe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame ari kumwe na mugenzi we Daniel Francisco Chapo, yari mu ruzinduko rw'akazi rw'iminsi ibiri mu Rwanda.

Amasezerano ajyanye no guteza imbere ishoramari n'ibyoherezwa mu mahanga yashyizweho umukono n'Umuyobozi w'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Iterambere (RDB) Jean-Guy Afrika, na Ambasaderi wa Mozambique mu Rwanda Amade Miquidade.

Ni mu gihe amasezerano y'umutekano ajyanye n'ubufatanye mu kurwanya iterabwoba muri Mozambique, yashyizweho umukono na Minisitiri w'Ingabo w'u Rwanda Juvenal Marizamunda, na Minisitiri w'Ingabo wa Mozambique Maj. Gen. Cristóvão Artur Chume.

Perezida Kagame yashimye iyi ntambwe itewe ishimangira ubutwererane busanzwe hagat ibyo bihugu byombi bisangiye inyungu zimwe, ashimangira ko u Rwanda rwiyeguye kurushaho kwimakaza umubano utanga umusaruro utanga inyungu ku bihugu byombi no kuri Afurika muri rusange,

Yagize ati: "Nk'uko tumaze kubibona twongeye kuvugurura ubutwererane bwacu mu bijyanye n'amahoro, umutekano n'ubucuruzi. Ubuhezanguni bukabije ni ikibazo gikomereye abaturage bacu n'iterambere. Nk'Abanyafurika dukwiye gufata mu nshingano kandi tugahangana n'ibyo bibazo nk'umugabane umwe. Iryo ni ryo shoramari rya mbere rihebuje dushobora kwishoraho."

Perezida Kagame yashimye kandi intambwe imaze guterwa mu kurushaho kwimakaza umubano w'ibihugu byombi, ashimangira ko kujya gushaka imbaraga z'abaturuka hanze bidashobora kubaka amahoro n'iterambere birambye.

Yavuze ko u Rwanda Mozambique bifite byinshi bihuriyeho, n'ibyo abaturage babyo bashobora guhererekanya, agaragaza ko ibihugu byombi bisangiye ubushuti bukomeye n'ubuvandimwe butajegajega.

Yakomeje avuga ko u Rwanda rwishimiye kuba Perezida Chapo n'itsinda ryaje rimuherekeje basura inganda zitandukanye z'ingenzi mu Rwanda.

Ati: "Ayo ni amahirwe meza cyane yo kurushaho kongerera imbaraga uruhererekane rw'ubucuruzi mu nyungu z'ibihugu byacu byombi. Muri make, mfite icyizere ko turi mu nzira nziza mu guteza imbere ubufatanye dusanganywe."

Yashimangiye ko u Rwanda rutazatezuka ku gukomeza ubufatanye butanga umusaruro mu ntungu z'abaturage b'ibihubu byombi, aboneraho kwifuriza Chapo n'abamuherekeje kuryoherwa n'uruzinduko biyumva ko bari imuhira.

Perezida Chapo na we yashimiye ubutumire yahawe na Perezida Kagame, aboneraho no gushimangira ko banyuzwe n'uburyo Abanyarwanda babakiranye urugwiro mu Mujyi wa Kigali.

Yashimye kandi ibiganiro bitanga umusaruro yagiranye na Perezida Kagame ndetse n'ibyahuje amatsinda ahagarariye ibihugu byombi, ashimangira ko hakenewe gushyira mu ngiro ibikubiye mu masezerano.

# 72% by'ingo zitishoboye mu Rwanda ziri muri VUP zitunze telefone

KAMALIZA Agnes

***Ubushakashatsi bwa bw'Ikigo cy'Iguhugu cy'Ibarurishamibare (NISR) ku mibereho y'ingo mu Rwanda, (EICV7) bwagaragaje ko ingo zibarizwa muri gahunda ya 'Vision Umurenge Program' izwi nka VUP, igamije kuzamura imibereho n'iterambere ry'abaturage bari mu bukene bukabije, 72.4% muri zo zitunze telefone.***

Igice cy'ubushakashatsi bwa EICV7 2023/2024 bwashyizwe hanze muri Mata 2025 cyatangwajwe ku wa Gatatu tariki ya 27 Kanama 2025, bwanagaragaje ko ingo 391.000 ziri muri VUP 62% muri zo zoroye itungo.

Muri rusange mu Rwanda ingo 84.6% ni zo zitunze telefone, 72.4% muri zo zibarizwa muri VUP mu gihe muri 69.2% zoroye itungo mu gihugu 62% ziri muri VUP.

Mu buryo rusange 41% by'ingo ziba muri VUP zirakennye, 9% ziri mu bukene bukabije mu gihe 32% ziri mu bukene buringaniye.

Ubukene bwinshi bugaragara mu ngo zitabira gahunda y'imirimo y'amaboko isanzwe (cPW) aho ari 48.5%, mu gihe izo mu gice cy'imirimo y'amaboko yoroheje (ePW) ari 43.5%.

NISR ivuga ko 87% by'izo ngo zifite ubwisungane mu kwivuza ariko mu zitabira gahunda y'imirimo y'amaboko isanzwe ziracyari hasi mu bwisungane mu kwivuza ugereranyije n'izindi.

Ingo zibona amazi meza yo kunywa ziri ku kigero cyo hejuru ariko 12% muri zo ziracyakoresha amazi adasukuye.

NISR igaragaza ko ingo zituye mu nzu nziza zikiri hasi aho hagati ya 13% na 29% ari zo zonyine zifite sima mu nzu mu gihe 83% zigituye mu mukungugu n'ahakurungiye.

Ingo ziri muri VUP 96% ziracyakoresha inkwi mu guteka ndetse 44% baracyateka mu buryo gakondo bakoresheje amashyiga atatu, mu gihe 75% batunze radiyo ariko telefone zigezweho (smartphones) ziracyari nkeya.

Gahunda ya VUP yatangijwe na Leta y'u Rwanda mu mwaka wa 2008 igamije kuzamura imibereho n'iterambere ry'abaturage bari mu bukene bukabije, itangizwa na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC).



Ingo zibarizwa muri gahunda ya VUP zitunze telefone ku kigero cya 72%





# Kompanyi y'ubuvuzi yatanze impapuro mpeshamwenda za miliyari 5 Frw

ZIGAMA Theoneste

***Kompanyi Africa Medical Supplier (AMS) ikwirakwiza ibikoresho bikenerwa mu rwego rw'ubuvuzi, yashyize ku isoko ry'imari imagabane impapuro mpeshamwenda zifite agaciro ka miliyari 5 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Ubuyobozi bwa AMS bwatangaje ko izo mpapuro zishyizweho bwa mbere mu rwego rw'ubuvuzi zizamara imyaka 5, zikaba zarasabwe n'abashoramari benshi ku buryo, bagaragaje ko bazishaka zose.

Ni impapuro biteganyijwe ko uzazishyura azajya agira inyungu ya 13.25% ku mwaka, aho amafaranga azavamo azakoreshwa mu kongera ishoramari mu buvuzi.

Mu gutangiza iri koranabuhanga, ku wa 27 Kanama 2025, Umuyobozi Mukuru w'Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda (RSE) Rwabukumba Pierre Celestin, yavuze ko kuba iyo kompanyi yashyize izo mpapuro ku isoko ry'imari n'imigabane bigaragaza intambwe ishimishije yatewe mu rwego rw'ubukungu n'urw'ubuvuzi.

Yagize ati: "Gushyira ku mugaragaro impapuro mpeshamwenda za AMS Plc ni igikorwa gikomeye cyane, kuko ari yo kompanyi ya mbere ikora mu rwego rw'ubuvuzi ibashije gukusanya amafaranga no kwandikwa ku rwego rwihariye rwa RSE.

Ibi ni urugero rwiza rw'ibishoboka ku masosiyete mato n'aciriritse (SMEs) ndetse n'ayandi makompanyi agaragara muri iki gihe ku isoko ry'imari n'imigabane ryacu."

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe Isoko ry'Imari n'imigabane mu Rwanda (CMA) Thapelo Tsheole, na we yagize ati: "Igihe kompanyi ihisemo gukusanya amafaranga binyuze ku isoko ry'imari imigabane, ntiba ikurikiranye gusa amafaranga yo gukoresha; ahubwo iba inazamura isura yayo, ikiyubakira icyizere mu bantu.

Isoko ry'imari n'imigabane ritanga uburyo bwo kugaragara no kongera icyizere, ibyo byombi bigira uruhare mu gushimangira ubushobozi bwa kompanyi."




AMS yashyize ku isoko impapuro mpeshamwenda za miliyari 5 Frw

Umuyobozi Mukuru wa AMS, Shema Ngoga Fabrice, yavuze ko gushyira impapuro mpeshamwenda ku isoko ari ipaji nshya mu mateka ya AMS Plc, igice cy'udushya, icyizere n'icyerekezo cy'ubufatanye.

Ati: "Dushimira byimazeyo uburyo bwiza bwadufashije kugera kuri iyi ntambwe. Ibi ntabwo ari iherezo, ahubwo ni intangiriro. Ni ubutumwa bwo guhuriza hamwe abafatanyabikorwa bose kugira ngo dukomeze tugire uruhare rufatika mu iterambere rirambye."

Africa Medical Supplier Plc (AMS) yashinzwe mu 2008 nk'isosiyete yihariye mu gutanga ibikoresho by'ubuvuzi, intebe n'ibikoresho by'amavuriro, ibipimo byihuse byo gusuzuma indwara, ibikoresho bikoreshwa inshuro imwe, ndetse n'imiti.

AMS igamije kugira uruhare runini mu guteza imbere urwego rw'ubuvuzi mu Rwanda, muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), ndetse no mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba muri rusange.

# Rubavu: Abasenyewe na Sebeya barubakirwa inzu zizuzura bitarenze Ukuboza 2025



Uyu ni Umudugudu w'icyitegererezo wa Muhira, mu Murenge wa Rugerero watujwemo imiryango 142 yari yarasenyewe n'ibiza

NYIRANEZA Judith

***Minisiteri y'Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA), yatangaje ko abantu basenyewe n'ibiza byatewe no kuzura k'umugezi wa Sebeya mu Karere ka Rubavu, mu Murenge wa Rugerero, batangiye kubakirwa inzu zo kubamo, biteganyijwe ko bitarenze Ukuboza 2025 bazaba bazishyikirijwe.***

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA), Aristarque Ngoga yasuye Site ya Kasonga mu Murenge wa Rugerero irimo kubakwaho inzu z'abasenyewe n'ibiza.

Yagize ati: "Kimwe mu byihutirwa harimo gutunganya iyi site, kugira ngo hatunganywe neza, ikindi ni ukugura ibikoresho bituruka hirya no hino nk'amatafari n'ibindi. Akarere tuganiriye ku gushyiraho ingamba zishobora gutuma tubona ibikoresho, ibitaboneka hano muri Rubavu bikaba byaboneka n'ahandi."

Yavuze kandi ko kugira ngo imirimo yihute, hakenewe abakozi benshi, kugira ngo tariki ya 31 Ukuboza 2025 umushinga uzabe urangiye.

Yagize ati: "Hakenewe abakozi benshi kugira ngo imirimo yihute, [….] ngo mu mezi 4 asigaye akazi kabe karangiye kubera ko umushinga ugomba kuba urangiye bitarenze tariki 31 Ukuboza. Ni ukureba ngo ni he hari imbogamizi, ni ibiki bikwiyte kwihutishwa ngo intego twiyemeje tuzayigereho."

Umunyamabanga Uhoraho muri MINEMA, Ngoga yavuze ko hari icyizere ko izo nzu zizaba zuzuzye zigatuzwamo abagezweho n'ibiza.

Ati: "Dufite icyizere mu by'ukuri ko imirimo iteganyijwe izarangira, Akarere gafite intego cyangwa se icyo biyemeje bazakigeraho, twe nka MINEMA icyo dukora ni ugushyira imbaraga mu bikenewe, haba ku bushobozi no gukurikirana ibikorwa umunsi ku munsi.

Rero ikintu kihutirwa, turakora iteganyabikorwa ku buryo ahantu hose hashobora kuba haba imbogamizi, tuba dufite uburyo n'ingamba zo kuvanaho izo mbogamizi zatuma imirimo itihuta."

Ni nyuma yuko ku itariki 10 Nyakanga, Minisitiri wa Minisiteri y'Ibikorwa by'Ubutabazi (MINEMA), Maj Gen. (Rtd) Albert Murasira yashyize ibuye ry'ifatizo kuri site ya Rugerero, ahateganyirijwe kubakwa inzu 870 z'abaturage bo mu Mirenge itandukanye yo mu Karere ka Rubavu basenyewe n'ibiza byabaye muri Gicurasi 2023.

Izo nzu zubatswe mu buryo mu imwe izajyamo imiryango 4 (four in one).

Izo nzu zirimo kubakwa ni izo gutuzamo abagizweho ingaruka n'ibiza byabaye mu ijoro ryo ku itariki 02 rishyira itariki 03 Gicurasi 2023, ubwo ibiza by'imvura byibasiye uduce dutandukanye tw'Igihugu, bitwara ubuzima bw'abantu basaga 130.

# RwandAir yakiriye indege ebyiri zayo nshya za Boeing 737-800

SHEMA Ivan

***Sosiyete Nyarwanda ikora ubwikorezi bwo mu Kirere, RwandAir, yakiriye indege ebyiri za Boeing 737-800 mu rwego rwo gukomeza kwagura ibikorwa byayo.***

Ni amakuru yatangajwe n'iyi sosiyete binyuze ku mbuga nkoranyambaga, ku wa Gatatu tariki ya 27 Kanama 2025.

Ubutumwa bwatangajwe n'iyo sosiyete bugira buti: "Twakiriye indege ebyiri zo mu bwoko bwa Boeing 737-800, imwe ikaba yarahageze mu ntangiriro za Kanama 2025 ndetse yatangiye gukora ingendo mu gihe indi yahageze mu ijoro ryo ku wa Kabiri.

RwandAir ivuga ko buri ndege ifite ubushobozi bwo gutwara abagenzi 174 ndetse zizajya zikorera ingendo ngufi n'izo hagati.

Boeing 737-800 ni indege ikorerwa muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Yagiye bwa mbere ku isoko mu 1966.

Mu kwezi k'Ukwakira Ugushyingo mu 2022, ni bwo iyi sosiyete yaguze indege yayo ya mbere itwara imizigo ari yo Boeing B737-800SF ifite ubushobozi bwo kwikorera nibura toni 23.

Ifite uburebure bwa metero 39,5 mu gihe kuva ku ibaba rimwe ugera ku rindi harimo intera ya metero 35,8 naho mu buhagarike ireshya na metero 12,6.

Mu 2024, RwandAir yatwaye imizigo ipima toni 6.113 zivuye kuri 4.595 mu mwaka wari wabanje, mu gihe mu 2022 zari toni 3.774 naho mu mwaka wari wabanje zari toni 3.889.

Iyi sosiyete kandi ifite gahunda yo kugura indi ndege yo muri ubu bwoko nyuma yo kubona ko hari abahinzi beza umusaruro mwinshi ariko ukabura uko ugezwe ku masoko.

RwandAir isanganywe izindi ndege zirimo enye za Boeing 737-800NG, ebyiri za Boeing 737-700NG, ebyiri za CRJ900NG, ebyiri za Bombardier Q-400NG n'ebyiri za Airbus A330.



Buri imwe muri izo ndege ifite ubushobozi bwo gutwara abantu 174


Abagenerwabikorwa ba VUP bavuga ko guhuza telefone na konti zabo byatumye basezerera imirongo kuri banki

# Gicumbi: Abagenerwabikorwa ba VUP barishimira guhuza telefoni zabo na konti

MUTETERAZINA Shifah

***Abatuye mu Karere ka Gicumbi mu Murenge wa Mutete by'umwihariko abagenerwabikorwa ba VUP, baravuga imyato gahunda yo guhuza telefone na konti zabo zo muri Sacco, kuko bibafasha kwakira amafaranga basanzwe bagenerwa bidasabye kujya gutonda imirongo kuri banki.***

Ni bimwe mu byagarutseho kuri uyu wa Gatandatu tariki 30 Kanama 2025, ubwo Ikigo gishinzwe guteza imbere Ibikorwa by'Iterambere mu Nzego z'ibanze (LODA) cyatangizaga ubukangurambaga ku bagenerwabikorwa ba VUP, mu gukoresha ikoranabuhanga mu kwakira ubufasha basanzwe bagenerwa bwiswe 'Telefone yanjye, Amafaranga yanjye'.

Bamwe mu bamaze kwitabira iyo gahunda bahamya ko ari nziza kuko hari imbogamizi nyinshi yabakuriyeho, nk'uko Solange Mukarukundo abisobanura.

Ati: "Iyi gahunda ifite umumaro munini, kubera ko amafaranga ntabwo abikika, washoboraga kuyakurayo yose kubera kwiganyira gukuraho make kandi watonze umurongo igihe kinini wanaturutse kure, ugasanga uranayangije kubera kuyakurayo utatekereje icyo ugiye kuyakoresha."

Bagirubwira Anatolewe, uvuga ko umwanya yataga kuri banki atonze umurongo asigaye awukoramo ibindi bikorwa bimuteza imbere.

Ati: "Kuva iwanjye ujya aho SACCO iri ni urugendo rw'isaha, iyo ukoze urwo rugendo usanga ibyo wagombaga gukora ku munsi bigabanyutse, niba wagombaga guhinga cyangwa kwahirira inka ntuba ukibikoze kandi uba ubizi ko amafaranga yawe afite umutekano, ni gahunda nziza nakunze."

Umuyobozi mukuru wa LODA Nyinawagaga Claudine, avuga ko iyi gahunda bayishyizeho kugira ngo abaturage bafashwa na VUP ntibasigare inyuma muri gahunda ya Leta yo kugabanya ihererekanya ry'amafaranga kandi hari uburyo bishingirwa bakabona izo telefone (Smart phone).

Yagize ati: "Dukorana n'ibigo by'itumanaho, tukagirana na bo amasezerano bakaba bashobora guha umuturage telefone, bakajya bamukata amafaranga 500 buri kwezi agatunga telefone kandi bitamuvunnye."

Umuyobozi w'Intara y'Amajyaruguru, Maurice Mugabowagahunde, ashishikariza abataratinyuka kwitabira gahunda yo guhuza konti zabo na telefone kuyitabira kuko hari byinshi bizabafasha.

Ati: "Hari abagira impungenge bati ese ibi bintu by'ikoranabuhanga, bakavuga ngo virusi ziba mu mashini zazangira mu mubiri, ndababwira ko ubu buryo bwizewe, muzabukoreshe neza, mwirinde gusangiza umubare w'ibanga abandi bantu kugira ngo mwizere umutekano w'ibyanyu."

Gahunda yo gushishikariza abagenerwabikorwa ba VUP kwakira amafaranga bakoresheje ikoranabuhanga izajya ikorwa binyuze mu guhuza konti zabo zo muri SACCO na telefone zabo bakajya bayabikuza bitabasabye kujya kuri banki aho bazajya bagana umujyanama w'iterambere n'imibereho myiza uba kuri buri mudugudu akabafasha gutangira gukoresha iyo gahunda cyangwa kuri banki.





# Musanze: Amatsinda y'abagore ni igisubizo ku mafaranga y'ishuri

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Mu Karere ka Musanze, abagore bibumbiye mu matsinda y'ubwizigame bavuga ko amaze guhindura imibereho y'imiryango yabo binyuze mu kuzigama amafaranga make buri munsi, ariko agira uruhare runini mu kwishyurira abana amashuri no kubagurira ibikoresho by'ishuri.***

Buri mugore agira uruhare rwo kwizigamira ibiceri 300 ku munsi. Amafaranga amaze kugera igihe runaka, bayagabana mu ntangiriro z'umwaka w'amashuri cyangwa igihembwe, bifasha kwirinda guhangayika igihe abana bagiye gutangira ishuri.

Abagore benshi bavuga ko mbere yo kwishyira hamwe bahuraga n'imbogamizi zikomeye. Bamwe bagiraga ingorane zo kubona amafaranga y'ishuri, abandi bakishora mu nguzanyo zihenze zizwi nk'urunguze cyangwa banki Lamberi.

Mukamusoni Egidia yagize ati: "Mbere twagorwaga no kubona amafaranga y'ishuri cyane mu ntangiriro z'umwaka w'amashuri cyangwa se mu gihembwe, bamwe bakishora mu runguze. Ubu twicaye hamwe, dutangira kuzigama make ku munsi, turatuje. Nta mwana ugisigara mu rugo kubera kubura amafaranga y'ishuri cyangwa ibikoresho."

Mukamwezi we avuga ko batagihangayika gusubiza abana ku ishuri bizabagora ariko kuri ubu ngo babonye igisubizo binyuze mu bwizigame.

Ati: "Nk'ubu igihembwe cyose gitangira, ntidutinya, kuko amafaranga yo kwishyura n'ibikoresho by'abana byose tubisanga mu bwizigame bwacu."

Akomeza agira ati: "Biradufasha kutiganyira no kudahorana umutima uhagurutse, ubundi twizigama buri muntu 300 ku munsi Njyewe nizigama ibihumbi 2 700 kubera ko mfitemo amazina 9, aho izina rimwe twita umugabane ungana na 300, ubu uyu mwaka w'amashuri 2025/2026 nta kibazo cy'amafaranga y'ishuri duteganya."

Iyi gahunda y'ubwizigame ifasha imiryango gucunga neza umutungo muto ifite, ariko ikagira n'uruhare mu kubaka ubumwe n'ubufatanye hagati y'abagore. Bavuga ko batakiri mu bwigunge, ahubwo buri wese ashyigikirwa n'itsinda rye, kuko n'ubwo bizigama ngo ntibibujijwe ko hari abasabamo inguzanyo muri rwa rwego rwo kwirinda urunguze.

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Uwanyirigira Clarisse, ashimangira ko iyi gahunda ari urugero rwiza rw'ubukungu bushingiye ku bufatanye.

Yagize ati: "Amatsinda y'abagore afite uruhare rukomeye mu iterambere ry'imiryango n'uburezi bw'abana. Ni icyitegererezo cy'uko gufashanya bishobora guca inzitizi mu mibereho. Turabasaba gukomeza uyu murongo, kandi Akarere kazakomeza kubahugura ku micungire y'umutungo no kubatera inkunga aho bikenewe."

Uwanyirigira yibukije ko ubukungu bw'Igihugu budashobora gutera imbere hatabayeho uruhare rw'abagore, by'umwihariko mu guteza imbere uburezi bw'abana babo n'igihugu muri rusange.

Kugeza ubu mu Karere ka Musanze habarurwa amatsinda yiteje imbere akagera ku rwego rwa za Koperative asaga 60.


Amatsinda abafasha kwizigamira

# Kamonyi: Umuhanda udakoze utuma bazenguruka i Kigali bagiye ku Karere

UWIZEYIMANA Aimable

***Bamwe mu baturage batuye mu Murenge wa Ngamba batewe inkeke n'umuhanda Kamuhanda-Ngamba w'ibilometero 22 udakoze, utuma bazenguruka bakanyura i Kigali kugira ngo bagere ku Biro by'Akarere ka Kamonyi.***

Bivugwa ko abandi batanyuze i Kigali na bo bibasaba guterera imisozi bakamanuka imjbande, iyo banyuze mu zindi nzira zibasaba gukoresha nibura amasaha abiri kugira ngo bagere ku Karere bagiye gusaba serivisi aho batakabaye bakoresha n'iminota 30.

Abo baturage bifuza ko uwo muhanda wakorwa mu buryo burambye kuko imigenderanire igorana cyane mu gihe cy'imvura.

Hirwa Jean Marie Vianney, umwe muri abo baturage, avuga ko ikibazo cy'umuhanda wa Kamuhanda-Ngamba kibazahaza cyane kuko nta yandi mahitamo ahari uretse kuzenguruka i Kigali cyangwa bakemera guterera imisozi y'i Rukomo mu rugendo rw'amasaha arenga abiri.


Abatuye mu Murenge wa Ngamba babanza kunyura i Kigali ngo bagere ku Karere kabo kubera umuhanda mubi

Ati: "Birakwiye ko ubuyobozi bw'Akarere kacu ka Kamonyi, budufasha umuhanda Kamuhanda-Ngamba ukakorwa ku buryo twaruhuka ingendo zo kuzenguruka i Kigali kugira ngo tubashe kugera ku Biro by'Akarere kacu. Kuko utanyuze i Kigali bimusaba nanone guterera muri iriya misozi ukazenguruka i Rukoma ahari urugendo rw'amasaha abiri."

Muhimpundu Josephine na we avuga ko kubera kugira umuhanda udakozwe, bibasaba gukora ingendo zotari ngombwa zibananiza cyangwa zikabasaba gukoresha amafaranga y'umurengera.

Ati: "Jyewe icyo nakubwira ni uko umuhanda wacu udakoze utuma dukora ingendo zitari ngombwa. None se nawe koko ubu birakwiye ko nzenguruka i Kigali ngiye ku Kamonyi koko? Muri make ubuyobozi bw'Akarere bukwiye kudufasha umuhanda dukoresha wa Kamuhanda Ngamba ugakorwa."

Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi Dr Nahayo Sylvère, avuga ko uyu muhanda watangiye gukorerwa inyigo ku buryo umwaka utaha wa 2026 watangira gukorwa.

Ati: "Ikibazo cy'umuhanda wa Kamuhanda-Ngamba nababwira ko hatangiye gukorwa inyigo ku buryo umwaka utaha wa 2026, uzatangira gukorwa."

Uyu muhanda ukoreshwa n'abanyeshuri biga ku ishuri rya Ngamba TSS, ugakoreshwa n'Imbangukira gutabara zivana abarwayi ku Kigo Nderabuzima cya Ngamba, n'abawukoresha bajyana imyaka ku isoko rya Kamuhanda.

Bivugwa ko uwo muhanda uramutse ukozwe neza watuma abanyeshuri bambukaga Nyabarongo boroherwa ndetse n'ababanzaga kunyura i Kigali bagiye gusaba serivisi ntibongere kugorwa n'ingendo zitari ngombwa.

# Karongi: Yinjiza 1 500 000 Frw akomora kuri Girinka

KWIZERA Jean de Dieu

***Nyirakaje Joselyne wo mu Murenge wa Rubengera, Akarere ka Karongi, avuga ko Girinka yahawe mu 2015 yamukuye mu buzima bubi aho yaburaga n'ikiraka cyo guhingira abandi akagorwa no gutunga umuryango we ariko ubu akaba yinjiza agera ku 1 500 000 Frw mu gihe cy'amezi atandatu avuye mu buhinzi akora bwatejwe imbere na Girinka Munyarwanda.***

Nyirakaje avuga ko mbere atabashaga gutunga umuryango we uko bikwiye kuko batabonaga ubwishingizi mu kwivuza, kurihira abana ishuri ndetse n'ibindi nkenerwa, akagaragaza ko rimwe na rimwe basasaga bakaryama batariye kubera ko akazi kabuze.

Yagize ati: "Nari mabayeho nabi, nsha inshuro Nari mbayeho nabi, nari mbayeho nabi njye n'abana banjye, mu buzima budashimishije aho batabashaga kubona imyambaro, ubwishingizi ntabwo twagiraga, n'umurima nari mfite wavagamo ibitoki nibura kimwe cyaguraga amafaranga y'u Rwanda 200 kubera ko ubutaka bwari bwaranze kwera na byo bikaba ku mubare."

Yakomeje agaragaza ko ubwo buzima yari abayeho bwanatumye bamwe mu bana be batiga, ahitamo gutangira gushaka uko yacuruza ibyo bitoki n'ubwo ngo nta mafaranga yavagamo, kubera ko umurima we warimo insina zitamuhaga umusaruro kandi akaba ari nta gishoro gihagije yagiraga.

Ati: "Abana banjye babiri muri 7 mfite ntabwo babashije kwiga kubera ubushobozi buke nari mfite, nyuma y'aho naje gutangira kujya ndangurisha utwo dutoki tuvuyemo, njya mu itsinda banguriza 10 000 Frw ndongeranya, utuvuye mu kwanjye duto nka 3 nkarangura n'ibindi bike, nkabasha kubona inyungu y'ibihumbi 8 Frw ku Kwezi."

Yakomeje asobanura ko mu 2015 ari bwo bamuhisemo bamuha inka, itangira kumuha ifumbire atunganya umurima we neza utangira kwera igitoki yagurishaga amafaranga y'u Rwanda agera ku 1 000, atangira no guhinga ibishyimbo mu ruterane akajya asarura amabakure agera ku 100 mu gihembwe.

Ati: "Nkimara guhabwa Girinka muri 2015, hashize nk'umwaka ntangira kujya ndasarura ibishyimbo by'uruterane amabakure 100 ku gihembwe byeze neza , mu gitoki naho biriyongera kuko ahavaga igitoki cya 200 RWF hatangiye kujya havamo ikigura 1,000 ku isoko , ubundi nkajya ndisanga nasaruye nka 1,500,000 RWF mu mezi atandatu".

Yakomeje agira ati: "Byaramfashije cyane abana banjye batangira kujya kwiga, ubu simbura ubwishingizi mu kwivuza, sinkiburara kandi mfite gahunda y'uko iyi nka yanjye niyongera kubyara nzavugurura iyi nzu ndimo, nyuma y'aho nkareba uko nagura undi murima wunganira uwo mfite nkazanoroza abana na bo bakabona ku byiza Leta yacu yangejejeho kuko nzi aho yankuye."

Umwe mu baturanyi ba Nyirakaje yabwiye Imvaho Nshya ko ubuzima abayeho butandukanye n'ubwa mbere kubera inka yahawe.

Yagize ati: "Uyu mubyeyi yahawe inka ariho nabi, abana batiga ndetse adafite aho akura umusaruro, ariko ubu turafatanya tugahinga, akazana ifumbire twasarura tukagabana. None ubu abana be bariga n'umurima we uvamo igitoki cyiza. Girinka yaramufashije kandi natwe ntabwo dukena amata iyo ayafite".

Umuyobozi w'Akarere ka Karongi Muzungu Gerard yavuze ko bibashimisha iyo bumvise ubuhamya bwiza nk'ubwo butangwa n'abafashe neza Girinka Munyarwanda kuko baba baramaze gushyira mu bikorwa gahunda ya Leta n'impamvu baba barazihawe.

Yagize ati: "Hari abaturage batari bamenya ibyiza bya gahunda ya Girinka, ariko iyo tubonye ubuhamya bwiza nk'ubwongubwo aba ari byiza kuko binafasha n'abandi baturage kumenya ibyiza bya Girinka Munyarwanda n'ubundi yaziye gufasha abaturage kwivana mu bukene".

Yakomeje avuga ko bigisha abaturage gufata neza inka bahabwa kuko Leta izitanga ishaka kubateza imbere n'imiryango yabo.



Arashimira Leta yamuhaye inka yamufashije kwiteza imbere



Abangavu bari kuganira ku ngamba zo kwitabira ishuri babyaza umusaruro amahirwe bahawe n'igihugu cyabahaye ijambo

# Nyaruguru: Abangavu biyemeje gukoresha amahirwe Igihugu cyabahaye bitabira ishuri

UWIZEYIMANA Aimable

***Bamwe mu bangavu bo mu Karere ka Nyarugu, bavuga ko bafite intego yo gukunda ishuri, bakirinda kwishora mu ngeso mbi zishobora gutuma amahirwe bahabwa n'Igihugu abaca mu myanya y'intoki.***

Umwe muri abo bangavu, avuga ko ashingiye ku mahirwe Igihugu cyahaye umwana w'umukobwa, afite intego yo kwitwara neza mu buzima akayakoresha yitabira ishuri.

Ati: "Navuga ko intego yanjye ari ugukunda ishuri, nkirinda gupfusha ubusa amahirwe Igihugu cyanjye kigenera umwana w'umukobwa, nishora mu ngeso mbi."

Naho mugenzi we avuga ko kuba umwangavu, bitavuze kwiyandarika, ahubwo bafite ingamba zo gukunda ishuri bakirinda gupfusha ubusa amahirwe Igihugu cyabahaye.

Ati: "Hari igihe umukobwa yumva ko kuba umwangavu ari ugukora icyo ushaka, rero jyewe si uko mbibona, kuko intego ni ugukunda ishuri nkirinda gupfusha ubusa amahirwe igihugu cyampaye, ahubwo nkayakoresha

KOMEZA KU RUP.13





## Nyaruguru: Abangavu biyemeje gukoresha amahirwe Igihugu cyabahaye bitabira ishuri

IBIKURIKIRA URUP.12

nkora cyane kugira ngo nzaharanire kwigira mu myaka iri imbere."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyaruguru, wungirije ushinzwe Imibereho myiza y'Abaturage, Byukusenge Assumpta, avuga ko umwana w'umukobwa akwiye gukunda ishuri akimakaza indangagaciro na kirazira.

Ati: "Ubundi umwana w'umukobwa by'umwihariko umwangavu, akwiye kwimakaza indangagaciro zo kwitwara neza birinda ibishuko byabashora mu ngeso mbi zirimo n'ubusambanyi, ahubwo bagashyira imbere Indangagaciro zo gukunda ishuri kugira ngo babashe kugera ku ntego igihugu kibifuriza."

Akomeza asaba abangavu muri rusange, kujya bamenya ko ari bo Igihugu gihanze amaso mu myaka iri imbere, bagakora cyane bakoresheje amahirwe Igihugu cyabahaye, bagakunda ishuri bihatira gutsinda, ubundi bakirinda imyitwarire mibi yatuma batwara inda zitateganyijwe, bityo bakaba bishe ejo habo hazaza.

# Kinigi: Ubuhinzi bukoresha ikoranabuhanga bwitezweho impinduka mu iterambere



Hafunguwe ku mugaragaro umushinga wo guhinga muri greenhouse uzateza imbere abaturage baturiye Pariki y'Igihugu y'Ibirunga

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Kinigi, Akarere ka Musanze uherereye ku nkengero za Pariki y'Igihugu y'Ibirunga, bavuga ko bafite icyizere cy'ejo hazaza binyuze mu mushinga w'ubuhinzi bukoresha ikoranabuhanga, bukorerwa muri Greenhouse.***

Ni umushinga wamuritswe ku wa 29 Kanama 2025, mu gihe u Rwanda rwitegura umuhango wo Kwita izina ingagi ku nshuro ya 20.

Uwo mushinga wazanye uburyo bwo guhinga imboga n'imbuto mu nzu zabugenewe (Greenhouse) aho abahinzi bashobora gucunga ubushyuhe, gutera imbuto igihe bashatse no gusarura buri gihe, bitandukanye n'ubuhinzi busanzwe bushingiye ku bihe by'ikirere.

Abaturage bavuga ko mbere batigeze batekereza ko umuntu yahinga mu nzu, ariko kuri ubu babona ko ari amahirwe akomeye.

Nyirambonigaba Collette wo mu Mudugudu wa Nyarusizi, Akagari ka Kaguhu, mu Murenge wa Kinigi, avuga ko guhinga mu nzu kandi mu buryo bw'ikoranabuhanga ari intambwe ikomeye mu guhindura ubuzima bwabo.

Yagize ati: "Ntabwo twiyumvishaga uburyo umuntu yahinga mu nzu, ariko ubu tubona umusaruro uhagije. Iyo duhinze imboga cyangwa inyanya, turazisarura mu bihe byose kuko twifashisha ubushyuhe twishyiriramo.

N'amasoko yo kugurishamo turayabona kuko ikilo cy'inyanya ubu kigura amafaranga 1000, mu gihe igiciro cy'inyanya zahinzwe tugendeye ku migendekere y'ikirere kigura amafaranga400. Ibi tuzabikuramo inyungu cyane."

Nsabiyera Jean Baptiste we avuga ko ubuhinzi bw'ikoranabuhanga bukwiye gusakara mu karere kabo hose.

Yagize ati: "Ubuhinzi bw'ikoranabuhanga ubukora ufite icyizere kuko ntiwavuga ngo imvura, izuba se bizaguteza igihombo, upfa kuba wahinze imbuto nziza, wavomereye, wamenye ko ubushyuhe wabushyize ku murongo cyangwa se ko nta muyaga wagiyemo mwinshi, twifuza ko ubu buhinzi bwagera hose, ariko abantu tukabikorera mu matsinda kugira ngo dufashwe kubona ibikenerwa muri iki gikorwa."

Umuyobozi Mukuru wa RDB, Jean Guy Afrika, yavuze ko uyu mushinga watekerejwe hagamijwe guteza imbere abaturage baturiye Pariki y'Igihugu y'Ibirunga kugira ngo bagire imirimo ibateza imbere kandi ibunganire mu kurengera urusobe rw'ibinyabuzima.

Yagize ati: "Twashatse gushyiraho ibikorwa bituma abaturage bagerwaho n'inyungu zituruka kuri Pariki kandi bagahabwa uburyo bwo kwihangira imirimo itanga inyungu. Ubuhinzi bwa greenhouse ni bumwe mu bisubizo bifatika."

Ni umushinga ufite agaciro ka miliyoni zisaga 50 z'amadolari ya Amerika ni ukuvuga asaga miliyari 72Frw, ugamije gukemura ibibazo by'ibiza no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima kimwe no kongera ubuso bwa Pariki y'Igihugu y'Ibirunga ku buso bwa kilometero kare 732.

Uteganya guhugura abaturage benshi kuri uyu mushinga w'ubuhinzi bw'ikoranabuhanga, aho ugeza ubu, abaturage basaga 200 bamaze guhugurwa kuri ubwo buhinzi kugira ngo babashe kubukoresha neza.

Uyu mushinga uzahindura imibereho y'imiryango 922, harimo izatuzwa mu Mudugudu mushya w'icyitegererezo, uzubakwa ku buso bwa hegirari 50.

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Dr.Ndabamenye Telesphore, yavuze ko uyu mushinga uje gukemura ikibazo cy'imirire n'imibereho y'abaturage.

Yagize ati: "Ubu buryo bushya buzazamura umusaruro, buhe abaturage ubushobozi bwo kubona amafaranga no kongera amahirwe yo kubona imboga n'imbuto buri gihe. Ni intambwe ikomeye mu guharanira imibereho myiza y'abaturage."

Ni umushinga abaturage bitezeho inyungu kuko ibilo 5000 basarura bya puwavuro bifite agaciro ka miliyoni 10 Frw ku mwero umwe, ndetse n'ibilo 10 000 by'inyanya bihwanye na miliyoni 8 Frw.

Icyo kigo cyubatse ku buso bwa metero kare 1 250, kigizwe na greenhouse 3, z'ubuhinzi, ububiko bukonjesha n'ibikoresho bigenewe gusukura no gupfunyika umusaruro

Biteganyijwe ko ubu buhinzi buzajya bwinjiza miliyoni 42 mu gihe ikiguzi cyo kuhabyaza umusaruro kibarirwa muri miliyoni 11, kizacungwa n'abaturage bibumbiye mu ishyirahamwe ryabo ryitwa Volcanao Community Association.

Uyu mushinga uzashyirwa mu bikorwa ku bufatanye bwa RDB, MINAGRI, Banki y'Isi n'abandi bafatanyabikorwa mu rwego rw'iterambere, hagamijwe ko ubuhinzi bukoresha ikoranabuhanga bubera abaturage isoko y'inyungu n'iterambere rirambye.

# Karongi: Batewe inkeke no kuvoma amazi y'umugezi wa Musogoro

KWIZERA Jean de Dieu

**Abaturage bo mu Mudugudu wa Gacaca, Akagari ka Gasharu mu Murenge wa Rubengera mu Karere ka Karongi, batewe inkenke no kutagira amazi meza bikaba bituma bakoresha amazi y'umugezi wa Musogoro yanduye ashyira ubuzima bwabo n'imiryango yabo mu kaga.**

Aba baturage bagaragaje ko kugira ngo babone uko bateka amafunguro yabo, kwinika imyumbati no kunywa ngo bashire imyota, bibasaba kujya kuvoma amazi y'umugezi wa Musogoro utembamo amazi mabi aturuka mu migezi itandukanye irimo na Ndaba.

Umwe muri abo baturage yagize ati: "Ivomero cyacu twavomagaho nta mazi akiza ntituzi impamvu hashize nk'imyaka 5 tutavoma amazi meza. Ubu tuvoma umugezi wa Musogoro, na wo usigaye uzana amazi mabi cyane."

Yakomeje agira ati: "Robine zirahari, yewe nanjye nyifite mu nzu, ariko tumaze nk'amezi abiri. Igice kimwe cy'Umudugudu wa Gasharu kirayabona, ikindi ari cyo twe ntituyabone. Turasaba WASAC ko yaduha amazi kuko niba ikigega cyacu n'amatiyo byaragize ikibazo nk'uko tubyumva bakabaye babikora tukareka kuvoma no gukoresha amazi asa kuriya. Duhangayikishijwe n'ubuzima bwacu n'ubw'abana bacu."

Undi muturage wo muri uyu Mudugudu, yagize ati: "Ikibazo cyo kuba tudafite amazi mabi ubuyobozi burabizi kuko tubivuga kenshi. Bamwe amavomo mu ngo zacu ariko nta mazi aza kuko ubu hashize hagati y'amezi abiri n'atatu nta mazi ahari, ivomo rusange twari dufite na ryo rimaze hafi imyaka myinshi ridakora. Ubwo rero byose bituma tuvoma umugezi wa Musogoro."

Uwo mubyeyi avuga ko bigeze gusurwa n'umwe mu bayobozi b'Umurenge (SEDO) bakamwereka icyo kibazo akababwira ko azabavugira bakabona amazi ariko ngo birangirira aho.

Ati: "Hano higeze kuza 'SEDO', tumubwira icyo kibazo cy'amazi tuvoma yewe tuzana n'amazi tuvoma tumwereka uko asa na we atubwira ko aragikurikirana, kugeza ubu ntabwo yongeye kugaruka, nyuma twumva ko yavuyeho ariko iteka turakivuga."

Yakomeje agira ati: "Dukora uko dushoboye, tugateka amazi ya Musogoro akaba ariyo tunywa ndetse tukanayatekesha ariko impungenge z'ubuzima bwacu n'ubw'abana bacu ni nyinshi. Badufashe baduhe amazi kuko uriya mugezi tuvoma ntabwo wizewe."

Umuyobozi w'Akarere ka Karongi Muzungu Gerald, yabwiye Imvaho Nshya ko icyo kibazo cy'uko bakoresha ayo mazi mabi atari akizi ariko ko kugeza ubu hari kubakwa uruhanda rw'amazi rwitezweho kuba igisubizo cyabo mu gihe ruzaba rurangiye.

Yagize ati: "Icyo kuvoma ayo mazi mabi ntabwo nari nkizi ariko hari kubakwa uruganda rw'amazi, kandi ruri kubakwa iruhande rwabo nirumara kuzura bose bazaba bafite amazi meza. Ni uruganda ruzaha amazi abaturage bose bo muri Rubengera na Bwishyura; ni uruganda runini ku buryo abaturage bose badafite amazi bazayabona kandi ruzarangira mu mpera z'uyu mwaka."

Fidele Niyishimwa, Umukozi w'Ishami rya Wasac mu Karere ka Karongi, yabwiye Imvaho Nshya ko icyo kibazo ntacyo yari azi gusa agaragaza ko agiye gusura abo baturage akareba ikibazo bafite bakabafasha kubona amazi meza.

Yagize ati: "Icyo twari tuzi ni uko abo baturage bafite amazi kuko hafi aho hari amashuri ndetse n'urusengero gusa natwe hari igihe tugira ibibazo by'imiyoboro y'amazi. Ubwo ngiye kujya kubasura turebere ikibazo bafite hanyuma tubafashe."

Umuyobozi w'Ishami rya WASAC mu Karere ka Karongi, Niyishima yabwiye Imvaho Nshya ko kugeza ubu mu Karere ka Karongi, bageze kuri 96% by'ingo zifite amazi meza.



**Amazi bakoresha mu ngo zabo ni ayo bavoma mu mugezi wa Musogoro**



**Iyi moto yafashwe iriho inkweto za magendu, abari bayiriho birutse barayita**

## Rubavu: Hafashwe moto n'inkweto za magendu bikekwa ko ikoreshwa n'abajura

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Mu Mudugudu wa Ikaze, Akagari ka Mbugangari, Umurenge wa Gisenyi mu Karere ka Rubavu, hafatiwe moto ifite pulake RD 113E, bikekwa ko ikoreshwa n'abajura, abari bayiriho bariruka bayisigana n'inkweto za magendu bari batwaye.***

Umwe mu baturage wo muri uyu Mudugudu yabwiye Imvaho Nshya ko hari mu ma saa saba z'ijoro, irondo ry'umwuga ribona moto irinyuzeho uyitwaye acanye itoroshi moto, nta tara ifite.

Ati: "Moto yaciye ku irondo ry'umwuga mu ma saa saba z'ijoro, kuko hari abaturage yari yatambutseho babona ihetse umuntu n'ibintu, nta tara ifite ahubwo uyitwaye amurikisha itoroshi, ntibayishira amakenga batanga amakuru, igeze kuri iryo rondo rirayihagarika ngo rigire amakuru riyimenyaho."

Yakomeje ati: "N'abanyerondo bayiketse barayihagarika, babajije uwari uyitwaye ibyangombwa, impamvu atwara moto amurikisha itoroshi, uwo ahetse, ibyo batwaye n'aho babijyanye, aho gusubiza bava kuri moto

KOMEZA KU RUP.15





## Rubavu: Hafashwe moto n'inkweto za magendu bikekwa ko ikoreshwa n'abajura

IBIKURIKIRA URUP.14

bariruka ibyo bari batwaye babita aho."

Undi muturage yagize ati: "Twiyemeje gufatanya n'irondo kwicungira umutekano kuko moto nk'izi ziba zitwaye abacoracora bafite magendu, hari n'impungenge ko banashobora gutwara ibihungabanya umutekano kuko aho magendu y'inkweto, imyenda n'ibindi inyura n'ibiturika byahanyura, ni yo mpamvu duhora turi maso."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gisenyi, Uwineza Francine, yabwiye Imvaho Nshya ko moto yafashwe na magendu y'inkweto abari bayiriho bari batwaye, biri kuri sitasiyo ya Polisi ya Gisenyi.

Ati: "Twafashe moto dukeka ko ikoreshwa n'abajura batwara ibirimo magendu iri kuri sitasiyo ya Polisi ya Gisenyi, uwari uyitwaye n'uwo yari ahetse baraducika turacyabashakisha. Magendu yari itwaye y'inkweto na yo twayifashe."

Yongeyeho ati: "Turakomeza gukangurira abantu kwirinda rwose ubucoracora, bagakora ubucuruzi bwemewe kuko iyo tubafashe turabahana, bakanahahombera cyane."

Yakomeje avuga ko nta mpamvu yo gukora ibitemewe ibyemewe bihari.

Ati: "Nta mpamvu yo gukora ibitemewe kuko uretse kuhahombera iyo bafashwe, banashyikirizwa inzego z'umutekano bagahanwa bikomeye kuko ibyo bakora bigize icyaha."

Yabasabye kwirinda ibihungabanya umutekano byose kuko ubuyobozi, inzego z'umutekano n'abaturage bahora bacunga, imikoranire ari myiza cyane ku buryo ntaho abacoracora n'abandi bose bashaka guhungabanya umutekano n'ituze by'abaturage ntaho bamenera, kandi ko ufashwe azajya abiryozwa.

Ati: "Aho binjirira hose turahazi, inzego zibishinzwe ziba zihari, zirabahagarika, tukanakora ubukangurambaga mu baturage mu kurwanya ibyo byaha."

Uwineza avuga ko bakangurira abacuruzi kwirinda ibijyanye n'ubucoracora aho buva bukagera, no kunyereza imisoro, bagashaka za EBM kugira ngo bakore ubucuruzi bwemewe.

# Ruhango: Ntawukwiye gusuzugura Uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12

UWIZEYIMANA Aimable

***Ababyeyi bashishikariza abana kudasuzugura amashuri y'Uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12 kuko abayigamo na bo bavamo abahanga.***

Padiri J. Paul Dushimimana, avuga ko icyamushimishije ari ukuba ageze ku bupadiri yarize muri ayo mashuri, benshi bakunze kuvuga ko adatanga ubumenyi.

Ati: " Jyewe ndashimira Musenyeri Simaragde Mbonyintege wanyemereye kwiga Iseminari nkuru mvuye mu mashuri benshi basuzugura none nkaba ngeze ku bupadiri ndetse tukaba turi babiri mu Rwanda babugezeho barize mu burezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12, bivuze ko ko ntawukwiye kuyasuzugura kuko nayo atanga ubumenyi."

Bimenyimana Paul, umubyeyi uvuka mu Murenge wa Kabagali, na we avuga ko Abanyeshuri bakwiye kwiga bashyizeho umwete kuko amashuri y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12 nayo atsindisha bityo badakwiye kuyasuzugura.

Ati: "Ibyo Padiri avuga byo kuba Abanyeshuri badakwiye gusuzugura amashuri y'Uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12 ni byo kuko na we ni urugero rwiza rugaragaza ko atanga ubumenyi."



**Rimwe mu mashuri y'Uburezi bw'Ibanze bw'Imyaka 9 na 12**

Umubyeyi ufite umwana watsinze icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye, Murebwayire uvuga ko ibyo Padiri avuga ari ukuri ntawukwiye gusuzugura Uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12.

Ati: "Ndakubwiza ukuri ko ibyo Padiri avuga ari ukuri, kuko mu rugo ubu mpafite umunyeshuri wigaga mu Burezi bw'ibanze bw'imyaka 9, wamaze gutsinda ikizamini cya Leta, gisoza icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye n'amanota 87%, ugiye kujya mu mwaka wa kane rero urumva ko nta munyeshuri ukwiye gusuzugura Amashuri y'Uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12 ahubwo abayigamo bakwiye gushyira imbaraga mu masomo yabo."

Ministiri w'Uburezi, ubwo hatangazwaga amanota y'ibizamini bisoza amashuri abanza n'icyiciro rusange cy'Amashuri yisumbuye, na we akaba yaravuze ko hari gushyiraho ingamba zituma abanyeshuri biga bataha biga neza kurushaho.

Ati: "Ntabwo twashyira imbaraga mukongera ibigo by'amashuri bicumbikira abanyeshuri, ahubwo icyo tugiye gukora ni ugushyira imbaraga ku banyeshuri biga mu mashuri yisumbuye bataha, ni ukuvuga mu Burezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12, kugira ngo batsinde neza amasomo kandi bize hafi."

Imibare y'Abanyeshuri bakoze ibizamini bya Leta bisoza amashuri abanza n'icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye, igaragaza ko abanyeshuri bigaga mu mashuri abanza bagera ku bihumbi ari bo boherejwe mu mashuri biga bacumbikirwamo, n'aho ibihumbi bakaba baroherejwe kwiga mu mashuri yisumbuye bazajya biga bataha.

Abarangije icyiciro rusange cy'amashuri yisumbuye bo boherejwe mu mashuri bazajya biga baba mu kigo bakaba bangana n'ibihumbi ? Mugihe aboherejwe mu mashuri bazajya biga bataha, bangana?

Bivuze ko amashuri y'Uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12, akwiye gukomeza gushyirwamo imbaraga mu rwego rwo kurushaho gufasha abanyeshuri bayigamo kwiga neza, cyane ko byagaragaye ko abayigamo bavamo abantu bakomeye barimo n'abaminuje muri Tewolojiya birangira babaye abapadiri.

Hitimana Servand

# Nyagatare: Abacuruzaga banyagirwa bubakiwe isoko baracinya akadiho

***Abaturage bacururizaga mu isoko rya Kimaramo mu Murenge wa Nyagatare bitaga isoko rya ndaburaye, ubu baracinya akadiho nyuma yo kubakirwa isoko rigezweho ryabarinze kunyagirwa no kwicwa n'izuba.***

Abacuruza n'abarema isoko ryuzuye ahitwa ku Kimaramo bavuga ko bari basanzwe bakorera mu ahantu habi.

Uwanziga Harriette yagize ati: "Twari Dufite ikibazo gikomeye cyo gucururiza mu kigunda. Umubyeyi wanjye ari mu babanje gucururiza hano aho yaranguraga ibiribwa akabisuka munsi y'umunyinya wari uhari ubundi tukahicara tugacuruza. Imvura yaragwaga tukiruka bimwe tukabihasiga no ku zuba wajya kuryugama mu nzu umukiliya yaza akagutegereza kandi ibicuruzwa byinshi byarangirikiraga."

Akomeza avuga ko uko ubu hasa batabirotaga.

Ati: "Iri soko ryatangiye kubakwa ntari inaha,ariko aho naziye naratunguwe. Icya mbere hari mu binogo utakeka ko hava inyubako nk'izi.Ubu ni ibyishimo kuko turacururiza ahantu hasakaye, hari inzu mu isoko yihariye washyiramo ubucuruzi nkubwo mu maduka, ikindi ni uko isoko ririmo amashanyarazi ku buryo dukora tukageza nijoro."

Nyirahakizimana Odette we yagize ati: "Hari impinduka nyinshi twiteze, dufite umutekano w'ibicuruzwa byacu kuko mbere twarwanaga nabyo tubicyura mu ngo. Iri soko rirafungwa rigacungirwa umutekano ku buryo ubucuruzi bwacu buragenda neza."

Uwiringiyimana Immacule agira ati: "Isoko twagiraga twaryitaga ndaburaye, kari agasoko kabonekamo abantu nimugoroba. Aho iri ryuzuriye ubu riratangira mu gitondo



Ibicuruzwa byabo ntibicyangizwa no gucururiza ku gasozi

rikazamo abantu bo hirya no hino, rihindura n'imikorere y'abaricururizamo."

Ntagungira Rushirabwoba Fred umwe mu baturage baho wagize uruhare mu kubaka iri soko avuga ko igitekerezo yagikuye ku kuba nta soko ryafashaga abaturage ryari muri aka gace."

Ati: "Ubuyobozi butubwira kureba zimwe mu nzitizi dufite tukaba twazibyaza amahirwe y'ibidufasha. Ni uko nitegereje ingorane abaturage bagira inaha, negera ubuyobozi tujya inama yo kubaka isoko, numva nanjye nishimiye ko natanze umusanzu mu gukemura iki kibazo."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Gasana Stephen avuga ko ari intambwe nziza mu kwegereza abaturage ibyo baba bakeneye.

Ati: "Hari ahantu abaturage bagiye bagaragaza ko bakeneye isoko, twabonye umufatanyabikorwa rero isoko rirubakwa kugira ngo bifashe abaturage kuva mu mikorere mibi irimo kubangamira n'imvura n'izuba. Turakomeza gufatanya n'umufatanyabikorwa kugira ngo iki gikorwa remezo kibyazwe umusaruro, gifashe abaturage bacu guhindura imibereho biteza imbere."

Imirimo yo kubaka isoko rya Kimaramo yatwaye asaga miriyoni 300, rishobora kwakira abacuruzi 2000



Ndagijimana yahinze inanasi ku buso bwa Hegitari 2

# Gakenke: Ubuhinzi bw'inanasi bumwinjiriza ibihumbi 800 mu gihembwe

NGABOYABAHIZI Protais

***Ndagijimana Théogène wo mu Mudugudu wa Karuganda Akagari ka Nganzo, Umurenge wa Gakenke mu Karere ka Gakenke, avuga ko ubuhinzi bw'inanasi bumwinjiriza agera ku bihumbi 800 ku gihembwe, ibintu byamuhinduriye ubuzima, akikura mu bukene.***

Ndagijimana avuga ko yahinze inanasi nyuma yo kurandura amashyamba ataramuhaga umusaruro ahitamo guhinga inanasi.

Yagize ati: "Hari bagenzi banjye bo mu Murenge wa Nemba bahingaga inanasi aho baranduye ibiti kandi nanjye mfite amashyamba atajya akura ngo ampe amafaranga, aho narindiraga gusarura ishyamba nyuma y'imyaka 5 nabwo nkakuramo amafaranga make, nyamara ku gihembwe mba mfite amafaranga yo mu nanasi akubye ayo nakuraga mu mashyamba inshuro 100"

Mu myaka irenga 10 amaze ahinga inanasi ku buso bungana na hegitari 2,5 yageze ku ntera ikomeye mu iterambere.

Yagize ati: "Ntarahinga inanasi nari nyakabyizi nkorera abandi, ariko nyuma yo kurandura amashyamba mpereye ku gice gito nkagiteraho inanasi nahinduye amateka, nubatse inzu nziza ifite agaciro ka miliyoni 12 ni ukwo iri mu cyaro, mu mujyi ku isoko bampa nka miliyoni 30, mfite inka za kijyambere 3 nkuramo umukamo, abana banjye biga neza kandi natanze akazi ku bakozi 6 bahoraho."

Akomeza agira ati: "Ubuhinzi bw'inanasi ntabwo busaba byinshi kuko ntabwo bisaba guhora ugenzura ngo ngaha imvura izaguteza igihombo n'ibindi, icyangombwa upfa kuba wateye imbuto nziza kandi ugasasira, inanasi ni kimwe mu bihingwa bifata ubutaka nshishikariza abandi gushora mu buhinzi bw'inanasi, mfite intego yo kuzagura imodoka mu minsi iri imbere."

Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke Mukandayisenga Vestine, ashimangira ko ubuhinzi bw'inanasi bwagize uruhare runini mu iterambere ry'abaturage b'akarere.

Yagize ati: "Ubuhinzi bw'inanasi bwatumye abaturage bacu babasha kwiteza imbere, kubona amafaranga yo kwishyura amashuri, kwivuza ndetse no gutunga imiryango yabo neza, twifuza ahubwo ko bakora ubuhinzi bw'inanasi bwa kinyamwuga bagahingira isoko."

Mu Karere ka Gakenke, ubuso bw'ubuhinzi bw'inanasi bwari kuri hegitari zigera kuri 630 mu mwaka wa 2012, nk'uko bigaragara mu nyandiko ya gahunda y'iterambere ry'Akarere.

Abahinzi b'inanasi babigize umwuga (banini) mu Karere ka Gakenke basaga 1900, aho bemeza ko zimaze kubateza imbere, bamwe zabakuye mu miturire mibi bakaba barubatse inzu zijyanye n'igihe, banakora ibindi bikorwa binyuranye birimo ubucuruzi n'ibindi.





## ITANGAZO RY'ISOKO

ITANGAZO

**Itangazo ry'isoko n°06/COLLEGE APPEC Remera Rukoma TSS /2025.**

Ubuyobozi bwa **COLLEGE APPEC Remera -Rukoma TSS** buramenyesha ba Rwiyemezamirimo babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga isoko ryo **kubaka ubwiherero buvidurwa, ubwogero hamwe n'uruzitiro ku nyubako y'uburyamo bw'abanyeshuri b'abahungu muri College APPEC TSS.** Muri iryo soko hemerewe gupiganwa ba Rwiyemezamirimo bikorera ku giti cyabo cyangwa amasosiyete, biyandikishije muri **RDB**, bafite ubuzima gatozi n'ibindi byangombwa bisabwa mu gitabo cy'amabwiriza agenga ipiganwa, kiboneka mu bunyamabanga bw'ishuri mu masaha y'akazi kuva 8h30-17h00, guhera ku itariki **ya 01/09/ 2025,** herekanywe icyemezo cy'uko hishyuwe amafaranga ibihumbi icumi **(10,000 Frws)** adasubizwa. Yishyurwa kuri konti **N°0004000027397-76 iri muri BK**, no kuri konti **N° 403-2895071-11 iri muri BPR.** Inyandiko z'ipiganwa eshatu zanditse neza, zigizwe n'umwimerere umwe n'amakopi abiri, zifatanyijwe neza kandi zifunze neza, inyuma handitseho isoko ripiganirwa zandikiwe perezida w'akanama gashinzwe gutanga amasoko muri COLLEGE APPEC, zizagezwa mu bunyamabanga bw'Ishuri bitarenze ku wa Gatatu tariki ya **10/09/2025** saa tatu n'igice za mu gitondo **(9h 30). Gusura ahazashyirwa Ibyo bikorwa bizakorwa ku wa Kane tariki ya 04/09/2025 saa mu nani ku cyicaro cy'ishuri**. Inyandiko z'ipiganwa zigomba kugira agaciro kugeza ku minsi mirongo cyenda (90jrs) uhereye ku munsi zafunguriweho. Zizafungurirwa mu ruhame mu cyumba cy'ishuri ku wa **Gatatu tariki ya 10/09/2025** saa yine **(10h00)**. Ukeneye ibindi bisobanuro yahamagara kuri telefoni igendanwa: **0788536797/0788491907**

**Bikorewe i Rukoma, ku wa 30/08/2025**

**Umuyobozi wa COLLEGE APPEC REMERA-RUKOMA TSS**

**HARELIMANA Prosper**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y' U RWANDA

INTARA Y'IBURENGERAZUBA

AKARERE KA KARONGI

UMURENGE WA GISHYITA

ECOLE SECONDAIRE BISESERO

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO YO KUGEMURA IBIKORESHO BY'UBWUBATSI BW'UBURYAMO BW'ABANYESHURI**

Ubuyobozi bw' Ishuri ryisumbuye rya ES BISESERO, mu Karere ka **KARONGI Umurenge wa Gishyita** burahamagarira ba Rwiyemezamirimo babishoboye kandi babyifuza ko bwifuza gutanga Isoko ryo kugemura Ibikoresho by'ubwubatsi aribyo: **Ciment,fer a beton ubwoko bwose , ibirahuri, amakaro, triplex, amarangi, amabati n'imisumari** Ba Rwiyemezamirimo Babishoboye kandi bujuje ibisabwa bashobora guhatanira iryo soko ryavuzwe haruguru.

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza y'ipiganwa y'Iryo soko murabisanga mubunyamabanga bw' ishuri mumasaha y' Akazi guhera Tariki 29 **/08/2025** nyuma yo Kwishyura amafaranga **10,000 Frw** adasubizwa kuri Konti ya ES BISESERO **N°900-148964-00** iri muri **COOPERATIVE Y'UMWALIMU SACCO** ifunguye mu izina ry' Ishuri .

Amabahasha afunze neza y'ipiganwa agomba kuba yageze mu Bunyamabanga bw'Ishuri rya ES BISESERO bitarenze kuwa **05/09/2025** saa **10H00 Za mugitondo.** naho umunsi wo gufungura amabahasha mu Ruhame ni kuwa **05/09/2025** saa **11H00** ku biro by' Ubuyobozi bw' Ishuri rya E.S BISESERO.

Bikorewe i Gishyita , kuwa **28/08/2025**

**BYABAGABO NZOYIBONA Claude**

**Umuyobozi w' Ishuri rya ES BISESERO**

## ITANGAZO RY'ISOKO

VILLE DE KIGALI

DISTRICT DE GASABO

SECTEUR DE GIKOMERO

**AVIS D'APPEL D'OFFRES**

Le **Secteur GIKOMERO** en collaboration avec le **District de Gasabo** (via CoK), invite par le présent Avis d'Appel d'Offres, les soumissionnaires admis à concourir, à présenter leurs offres sous pli fermé et scellé, pour les offres suivantes :

| N° | Numéro des marchés | Titre des Marchés | Date et heure d'ouverture | Source de financement |
|---|---|---|---|---|
| 1 | TN/001/GIK/2025-2026 | Prestation de service d'hygiène au Secteur de GIKOMERO | 26/09/2025 à 10H00 | City of Kigali |
| 2 | TN/002/GIK/2025-2026 | Prestation de service d'internet dans les bureaux du Secteur et Cellules dans le Secteur de Gikomero | 26/09/2025 à 10H00 | City of Kigali |
| 3 | TN/003/GIK/2025-2026 | Fourniture des matériels consommables de bureau du Secteur | 26/09/2025 à 10H00 | City of Kigali |
| 4 | TN/004/GIK/2025-2026 | Isoko ryo kugemura ibikoresho by'ubwubatsi no gukora isana ry'inyubako z'umurenge ndetse n'Utugari tugize Umurenge | 26/09/2025 à 10H00 | City of Kigali |
| 5 | TN/005/GIK/2025-2026 | Gutanga ibitunga abana biga mu marerero yo mu Murenge | 26/09/2025 à 10H00 | City of Kigali |

La participation à la concurrence est ouverte à égalité des conditions à tous les soumissionnaires spécialisés dans les domaines des différents marchés ci-haut cités.

Les Dossiers d'Appel d'Offres peuvent être obtenus par les intéressés, à partir de la date de la parution de cet Avis d'Appel d'Offres dans le journal « IMVAHO NSHYA », auprès du bureau de secrétariat central du Secteur pendant les jours ouvrables, sur présentation d'un bordereau de versement d'une somme non remboursable de **dix mille francs rwandais (10,000 frw)** au compte du Rwanda Revenue Authority.

Les offres et les propositions bien dactylographiées, rédigées en Kinyarwanda, français ou bien en langue anglaise, doivent parvenir au bureau de secrétariat central du secteur au plus tard la date précisée dans le tableau ci-haut **à 09h30' précises**. L'ouverture des offres aura lieu le même jour de dépôt **à 10h00'** heures précises heure locale dans la salle de réunion du Secteur en séance publique.

**Fait à Gikomero, le 25/08/2025**

**KAVUTSE Epiphanie**

**Secrétaire Exécutif du Secteur Gikomero**

E-mail: gikomerosector @gasabo.gov.rw Twitter @SectorGikomero

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBULIKA Y'U RWANDA

UMUJYI WA KIGALI

AKARERE KA GASABO

IKIGO NDERABUZIMA CYA JALI

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA AMASOKO**

Ikigo Nderabuzima cya Jali kirahamagarira ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi bujuje ibisabwa gupiganira amasoko akurikira

| No | Numero y'isoko | Izina ry'isoko | Itariki n'isaha ntarengwa byo gusura | Itariki n'isaha ntarengwa byo gutanga ibitabo | Itariki n'isaha byo gufungura ibitabo |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | **Isoko No 001/HYG/JALI HC 2025-2026** | Isoko ryo gukora isuku n'isukura no Gucunga umutekano mu kigonderabuzima | 02/09/2025 09h30-10h000 | 15/09/2025 09h30 | 15/09/2025 10h00 |
| 2 | **Isoko No : 002/REHAB/JALI HC/2025-2026** | Isoko ryo gusana inyubako z'Ikigo Nderabuzima | 02/09/2025 09h30-10h000 | 15/09/2025 09h30 | 15/09/2025 10h00 |

Ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga buri soko biboneka muri bureau y'Umukozi ushinzwe amasoko mu Kigo Nderabuzima guhera ku itariki ya 02/09/2025 habanje gutangwa urupapuro rwishyuriweho amafaranga adasubizwa Ibihumbi Icumi **(10,000Frw)** kuri buri soko kuri Compte **No 425250711410187** yitwa **C S JALI TWISUNGANE MUKWIVUZA iri muri Banki y'Abaturage (BPR).**

Bikorewe i Jali kuwa 25/08/ 2025

**HABIMANA Emmanuel**

Umuyobozi w'Ikigo Nderabuzima cya Jali

# Bruce Melodie na Element mu bahataniye igihembo cy'umuhanzi mwiza



Bruce Melodie na Element mu bahanzi mu bahataniye ibihembo "Afrima Awards 2025"

MUTETERAZINA Shifah

***Abahanzi bari mu bakunzwe mu Rwanda Bruce Melodie na Element Eleeeh bari mu bahanzi bahataniye igihembo cy'umuhanzi mwiza mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba mu marushanwa ya Afrima Awards 2025.***

Abahatanira icyo gikombe batangajwe ku mugaragaro kuri uyu wa Kane tariki 28 Kanama 2025, aho byatangajwe na Afrima Awards basanzwe bategura iryo rushanwa bagaragaza urutonde rw'abagera mu 10 bazahatana harimo abanyarwanda babiri.

Banditse bati: "Abami bo mu Burasirazuba bwa Afurika biteguye kurabagirana, reba urutonde rw'abahanzi batoranyijwe guhatanira igihembo cy'umuhanzi mwiza mu irushanwa rya Afrima 2025."

Bruce Melodie yatanze indirimbo ye yise Beauty on fire yafatanyije na Joe Boy wo muri Nigera, mu gihe Element we azahatana akoresheje Tombe aherutse gushyira hanze.

Uretse Bruce Melodie na Element Eleeh bo mu Rwanda harimo abandi bahanzi umunani baturuka mu bihugu bitandukanye barimo Bien Aime wo muri Kenya, Diamond Platinumz wa Tanzania, Joshua Baraka wo muri Uganda n'abandi.

Element Eleeh ahataniye ibyo bihembo mu gihe yari ari no mu bahataniye ibya Best MVAA Music Producer of the Year 2025, gihabwa umuhanga mu gutunganya no gukora indirimbo, akazishyira ku rwego rwo hejuru mu ireme n'ubuhanga nabyo bizatangirwa muri Nigeria.

Ni amarushanwa agiye kuba ku nshuro ya 11 kuko yatangiye mu 2014, bikaba biteganyijwe ko azatangizwa tariki 25-30 Ugushyingo 2025, ibirori byo gutanga ibihembo bikazabera i Lagos muri Nigeria.

# Uko abafungiwe insengero bazitabira Rwanda Shima Imana

MUTETERAZINA Shifah

***Abagize komite mpuzabikorwa ya Rwanda Shima Imana bagaragaje ko nubwo hari insengero zigifunze ariko hari uburyo abasengera mu zigifunze bakwitabira Rwanda Shima Imana 2025.***

Bigarutsweho mu gihe mu mpera z'icyumweru turimo mu Rwanda hose hagiye kubera igitaramo cya Rwanda Shima Imana binyuze mu matorero n'amadini yose yo mu gihugu aho Abanyarwanda baba bashimira Imana aho yarukuye n'aho irugejeje ari nako bakomeza kururagiza Imana.

Ni bimwe mu byo bagarutseho mu kiganiro n'itangazamakuru cyabaye ku wa 27 Kanama, cyagaragazaga uko Rwanda Shima Imana 2025, izakorwa.

Ubwo habazwaga uko abasengera mu nsengero zifunze bizagenda, Amb. Charles Murigande yavuze ko bazitabaza insengero zibegereye zidafunze.

Yagize ati: "Umwami Yesu yigeze kubwira umusamariyakazi ngo igihe kirageze abasenga nyakuri badasengera ku musozi witwa Yerusalem bamenyekane."

Gusenga nyakuri, kudashobora guhagarikwa, gufungwa n'ibindi ni ugusenga mu kuri no mu mwuka ariko urusengero rurakenewe. Abo insengero zifunze, nizere ko kuva zafungwa batagumye mu rugo gusa kuko hari n'izifunguye."

Dr Murigande avuga ko kuba insengero zifunze bitavuze ko wahagarika gusenga ni muri urwo rwego abo bazegera insengero zibegereye bagashima Imana kuko no kuba hari icyo ugezeho ni ubuntu bwayo.

Ibyo avuga bishimangirwa na bagenzi be bafatanyije gutegura icyo gitaramo bavuga ko gushima ari ibya buri wese kandi gushima bidasaba ngo ushimire aho usengera, bityo Abanyarwanda bakwiye guhuza umutima bagashima Imana ku bw'urugendo u Rwanda rumaze kugenda rujya imbere bakaboneraho no kuyisaba gukomeza kururinda.

Bavuga ko insanganyamatsiko y'uyu mwaka ari ugushima Imana uzirikana ko yaguhaye imbaraga zo kugera ku byo wagezeho.

Rwanda Shima Imana ya 2025, igiye kuba ku nshuro ya 13 akaba ari inshuro ya mbere igiye kubera mu gihugu cyose binyuze mu matorero n'amadini akorera mu Rwanda.



Amb Dr Murigande avuga ko kuba insengero zifunze umuntu adakwiye guhagarika gusenga kubera zifunze

# Umunyamakuru Paul Rutinga yashyingiranywe n'umukunzi we

MUTETERAZINA Shifah

***Umunyamakuru wa Televiziyo y'u Rwanda, Paul Rutikanga, yashyingiranywe n'umukunzi we Uwera Caroline.***

Ni mu birori byabaye kuri uyu wa Gatanu, tariki ya 29 Kanama 2025, birangwa no gusaba no gukwa no gusezerana imbere y'Imana.

Ni ubukwe bwitabiriwe n'imiryango yombi, ibyamamare bitandukanye mu itangazamakuru n'abandi.



Paul Rutikanga n'umukunzi we Uwera bakoze ubukwe

Ni ibirori byashyizeho akadomo ku bindi bitandukanye byabibanjirije birimo gusezerana imbere y'amategeko byabaye tariki 29 Kanama 2025, byabereye ku biro by'Umurenge wa Remera mu Karere ka Gasabo.

Rutikanga yamenyekanye cyane kuri Televiziyo y'Igihugu asoma amakuru mu Kinyarwanda aho kuri ubu yagizwe Umuyobozi ushinzwe imikoranire n'Abafatanyabikorwa muri RBA.





SHEMA Ivan

# Shema Ngoga Fabrice yatorewe kuyobora FERWAFA

***Shema Ngoga Fabrice wari umukandida rukumbi, yatorewe kuyobora Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda (FERWAFA) mu myaka ine iri imbere.***

Kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 30 Kanama 2025, mu Nteko rusange isanzwe ya FERWAFA yabereye muri Serena Hotel, ni bwo habaye amatora ya Komite Nyobozi nshya yayo izayiyobora mu myaka ine iri imbere.

Shema wari wariyamamaje wenyine yatowe ku majwi 51 kuri 53 ni bo bamanitse ikarita yanditseho "YES" mu kugaragaza ko bamutoye. Nta "OYA" yamanitswe.

Shema asimbuye Munyantwali Alphonse wari kuri uyu mwanya kuva ku wa 24 Kamena 2023 kugira ngo irangize manda y'imyaka ine yari yatorewe Komite Nyobozi yari ikuriwe na Nizeyimana Olivier mu 2021.



Perezida wa FERWAFA, ucyuye igihe, Munyantwali Alphonse yavuze ko afitiye icyizere Komite nyobozi nshya yatowe



Ubwo Shema Ngoga Fabrice yageraga ahabereye Inteko rusange isanzwe

Shema azakorana n'abarimo Mugisha Richard nka Visi Perezida wa mbere, uwa kabiri ni Me Gasarabwe Claudine, Komiseri ushinzwe imari ni Nshuti Thierry, ushinzwe amarushanwa ni Niyitanga Désiré.

Komiseri ushinzwe umupira w'abagore ni Gicanda Nikita, ushinzwe amategeko ni Me Ndengeyingoma Louise, Komiseri ushinzwe ubuvuzi ni Lt Col Mutsinzi Hubert naho Komiseri ushinzwe imisifurire ni Hakizimana Louis.

Perezida wa FERWAFA ucyuye igihe, Munyantwali Alphonse, yashimiye abamaze gutorwa, avuga ko abafitiye icyizere.

Ati: "Iyo ibintu ari byiza mujye mubishima. Turashimira Perezida wa Federasiyo n'abo bamaze gutorerwa hamwe, gufata icyemezo cyo guteza imbere umupira w'amaguru. Ntabwo ari ahantu mujya gusa nk'ugiye gusenga."

Yongeyeho ati: "Mfite icyizere ko 'Dream Team' izatugeza ku bintu byiza, ikipe ya Shema ikadutera ishema. Bazakora byinshi byiza kuturusha, ntabwo tubishidikanyaho. Aho bitagenze neza turisegura, ntabwo byaturutse ku bushake bwacu."

Yashimiye Umukuru w'Igihugu ku buryo ashyigikira ruhago y'u Rwanda, ndetse n'izindi nzego zirimo Minisiteri ya Siporo na FIFA ku nkunga zazo.

Yongeyeho ati: "Dutashye twishimiye, njyewe na bagenzi banjye ikizasabwa cyose tuzagikora."



Perezida wa Rayon Sports, Twagirayezu Thaddée na we yari yitabiriye Inteko rusange isanzwe



Chairman wa APR FC, Brig Gen Déo Rusanganwa mu bitabiriye Inteko rusange isanzwe ya FERWAFA

Imvaho Nshya
# Siporo




NO .E-28 TARIKI 26 KANAMA-1 NZERI 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# REG WBBC yongeye kwigaranzura Kepler WBBC hategerezwa umukino wa karindwi mu ya kamarampaka



Maiga Kadidia ahanganye na Traore Aichata

SHEMA Ivan

***REG WBBC yatsinze Kepler WBBC amanota 62-53 amakipe yombi anganya intsinzi eshatu mukino wa Gatandatu mu ya nyuma ya kamarampaka ya Shampiyona y'icyiciro cya mbere muri Basketball.***

Uyu mukino w'ishiraniro wabaye kuri iki Cyumweru tariki ya 31 Kanama 2025, muri Petit Stade i Remera.

Kepler WBBC yagiye gukina uyu mukino iyoboye n'intsinzi eshatu kuri ebyiri isabwa gutsinda ikegukana igikombe cya shampiyona ku nshuro ya mbere mu mateka yayo.

Ku rundi ruhande REG WBBC nayo yasabwaga gutsinda kugira ngo igarure icyizere cyo gukina umukino wa karindwi uzagena ikipe yegukana igikombe cya shampiyona cya 2024/25.



REG WBBC yatsinze umukino

Umukino watangiye wegeranye cyane abarimo Maiga Kadidia na Uwimpuhwe Henriette batsinda ku mpande zombi. Agace ka mbere karangiye REG WBBC yatsinze Kepler WBBC amanota 16-14.

Mu gace ka kabiri, ikipe ya Kaminuza ya Kepler yagaru-kanye imbaraga itangira kugabanya ikinyuranyo ibifashijwemo na Uwimpuhwe Henriette na Nelly Sandra Nsanzabaganwa ndetse iyobora umukino n'amanota 21-17.

Mu minota itanu ya nyuma, Ikipe y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu yikubise agashyi itangira kugabanya ikinyuranyo binyuze muri Byukusenge Gloriose, Maiga Kadidia na Akon Rose Paul Macuei ndetse iyobora umukino n'amanota 30-28.

Aka gace Kepler yatsinze amanota 15 kuri 14 ya REG WBBC.

Igice cya mbere cyarangiye REG WBBC yatsinze Kepler WBBC amanota 30-29.

REG WBBC yakomeje gukina neza mu gace ka gatatu abarimo Mwizerwa Faustine, King Kris-tina Morgan na Maiga Kadidia batsinda cyane.

Habura iminota ibiri, Kepler yagerageje kugabanya ikinyuranyo binyuze muri Young Desi-Rae, Traore Aichata ariko biranga.

Aka gace ka gatatu karangiye REG WBBC ikomeje kuyobora umukino n'amanota 44 Kuri 41 ya Kepler WBBC.

Mu gace ka nyuma, REG WBBC yakomeje kongera ikinyuranyo ibifashijwemo na Akon Rose Paul Macuei na Tetero Odile batsinda cyane.

Umukino warangiye REG WBBC yatsinze Kepler WBBC amanota 62-53, amakipe yombi anganya itsinzi eshatu hategerezwa umukino wa karindwi uzagena uwegukana igikombe cya shampiyona 2024/25.

Maiga Kadidia wa REG WBBC yatsinze amanota 21 akora na Rebounds 5.

Umukino wa karindwi utegany-ijwe ku wa Gatatu tariki ya 3 Nzeri 2025, muri Petit Stade.



Byari Ibyishimo ku bakinnyi ba REG WBBC nyuma yo gutsinda umukino